# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO 1567 TARIKI 29 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU



Perezida Kagame yasangiye n'abayobozi ba UGHE na PiH 5

AMAKURU




Abasenateri batabarije aborozi bagowe n'igiciro cy'ibiryo by'amatungo gihanitse 7

AMAKURU



Abarenga 16 000 bafite ibibazo byo kwandikisha ibinyabiziga 13

MU NTARA



Abatuye Umujyi wa Musanze basabwe kubaka amagorofa 22


## Kuvuga Ikinyarwanda neza ni ishema n'ubutwari - Dr Bizimana

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, (MINUBUMWE) ishimangira ko ururimi rw'Ikinyarwanda ari indangamuntu ikomeye y'Abanyarwanda, ikaba ishema n'ubutwari bwabo ndetse rukaba ari rwo rwabaye umuyoboro w'Intwari z'u Rwanda.***

Ibyo ni ibigarukwaho na Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr Bizimana Jean Damascene aho agaragaza ko Ikinyarwanda kiboneye haba mu kukivuga no kucyandika ari wo musingi wo gukomeza ubutwari.

Agaragaza ibi mu gihe u Rwanda rwitegura kwizihiza Umunsi w'Intwari ku nshuro ya 32 uzizihizwa ku ya 01

KOMEZA KU RUP.3

# Umushyikirano ugiye kuba ku nshuro ya 20



**Perezida wa Repubulika Paul Kagame ageza ijambo ku bitabiriye Inama y'Igihugu y'Umushyikirano mu 2024**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera tariki ya 5 Gashyantare kugeza ku ya 6 Gashyantare 2026, Hategerejwe Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ku nshuro ya 20 ikaba yitezweho kwitabirwa n'Abanyarwanda bahagarariye ibyiciro bitandukanye birimo abayobozi, Abanyarwanda baba mu mahanga, abahagarariye ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga, abafatanyabikorwa mu iterambere hamwe n'abahagarariye ibitangazamakuru bitandukanye.***

Iyi nama ije ikurikira iheruka kuba ku nshuro ya 19 tariki ya 23 kugera ku ya 24 Mutarama 2024, yayobowe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame wagaragarije Abanyarwanda intambwe ishimishije u Rwanda rugezeho rwiyubaka n'uko urugendo rukomeje.

Ibiganiro byatanzwe muri iyo nama byibanze ku kugaragaza ibyagezweho mu kugerwaho mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1), guharanira kwigira mu bukungu, urugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa

KOMEZA KU RUP.3








# Umushyikirano ugiye kuba ku nshuro ya 20

IBIKURIKIRA URUP.1

by'Abanyarwanda n'uruhare rw'urubyiruko mu kugena ejo hazaza heza h'u Rwanda.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri izo ngingo, Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 19 yafashe imyanzuro irimo iyo mu rwego rw'Ubukungu, Imibereho Myiza n'Imiyoborere.

**Ubukungu**

1. Kwihutisha ingamba zo kongera umusaruro w'ubuhinzi no kwihaza mu biribwa harimo:

» Kongera ingano y'ubutaka buhingwa, ubutabyazwa umusaruro bugahingwa;

» Kongera ibishanga bitunganyijwe hibandwa ku bice bitandukanye by'Igihugu;

» Kongera ingano y'ubuso bwuhirwa;

» Kunoza ibikorwa byo guhunika umusaruro.

2. Gukomeza kwihutisha gahunda yo kubaka udukiriro mu Gihugu hose, cyane cyane aho tutaragera no kubyaza umusaruro utwamaze kubakwa.

3. Gukomeza gukora imihanda y'imigenderano no gusana iyangiritse kugira ngo yorohereze abahinzi n'aborozi kugeza umusaruro ku isoko.

4. Gushyiraho ihuriro ry'Abanyarwanda baba hanze kugira ngo bashobore gushora imari mu Gihugu, kandi bagahabwa amakuru ku mahirwe y'akazi aboneka mu Gihugu.

5. Gukomeza gukwirakwiza amazi mu bice by'icyaro no mu bindi bice Abaturarwanda bataragezwaho amazi meza.

6. Kuvugurura gahunda ya BDF kugira ngo icyo Kigega kirusheho gufasha abafite imishinga mito n'iciriritse kubona inguzanyo, hibandwa ku mishinga yerekeranye n'ubuhinzi n'ubworozi.

**Imibereho Myiza**

7. Gukomeza kunoza imikorere y'urwego rw'ubuvuzi, hongerwa umubare w'amavuriro aho bikenewe ndetse hongerwa umubare w'abakora muri urwo rwego ku ngeri zose, hanongerwa ibikorwa remezo n'ibikoresho by'ubuvuzi no gukemura imbogamizi izo ari zo zose zishobora kubuza ibigo by'ubuvuzi gutanga serivisi nziza.

8. Gukomeza guteza imbere uburezi bw'imyuga hongerwa umubare w'amashuri yigisha imyuga no kuyashakira ibikoresho bigezweho kandi bikwiye.

9. Gukomeza guteza imbere no gufasha urubyiruko rw'Abanyarwanda biga ubumenyi bw'imbonekarimwe (rare skills) no kubashishikariza gutaha mu gihe barangije amasomo kugira ngo bagire uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

10. Guteza imbere Urwego rwa siporo hibandwa ku: Gushyiraho uburyo bunoze bwo kuzamura impano z'urubyiruko rw'Abanyarwanda mu mikino itandukanye.

**Imiyoborere**

11. Gukomeza gushishikariza Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko kwimika umuco w'ubumwe n'ubudaheranwa, kubigisha amategeko yerekeye kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside, guhangana n'uwo ari we wese washaka guhembera ingengabitekerezo ya Jenoside, no gushyikiriza ubutabera abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

12. Kwihutisha kongera umubare wa serivisi zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga ry'Irembo.

13. Kurushaho kwerekera no gufasha urubyiruko uburyo bwo kwiteza imbere, harimo:

» Kurumenyesha amahirwe yo kwihangira imirimo ari mu nzego zitandukanye no gukomeza kurwongerera ubumenyi;

» Guteza imbere ubuhanzi buteza imbere ababukora kandi bwubaka umuryango nyarwanda;

» Gushyiraho ibigo by'amahugurwa y'urubyiruko aho bikenewe.

Inama y'Iguhugu y'Umushyikirano yateranye bwa mbere mu ku wa 28 Kamena 2003, kuva ubwo uba igikorwa ngarukamwaka gisiga hafashwe imyanzuro ishingiye ku kwimakaza kwishakamo ibisubizo bibereye Abanyarwanda.

Umushyikirano wubakiye ku ngingo ya 168 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika, ni ihuriro ry'abahagarariye inzego zitandukanye bungurana ibitekerezo ku iterambere ry'Igihugu, imikorere y'inzego z'Igihugu ndetse no guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda.

# Kuvuga Ikinyarwanda neza ni ishema n'ubutwari - Dr Bizimana

IBIKURIKIRA URUP.1

Gashyantare, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere."

Minisitiri Dr Bizimana avuga ko ururimi rw'Ikinyarwanda ari rwo rusobanura umuntu uwo ari we, rukaba ishema ry'abato n'abakuru bityo hakwiye kwirindwa kuruvanga n'izindi, kurugoreka cyangwa gukoresha imvugo zitaboneye kuko ari bimwe mu byonnyi byarwo.

Yagize ati: "Dukwiye gukoresha Ikinyarwanda cyiza kiboneye n'abato bakacyiga kandi ni na ryo shema ryacu ni na bwo butwari bwacu."

Yongeyeho ko ubutwari burangwa n'umuco kandi uwo muco ukarangwa n'ururimi, agahamya ko mu gihe nta rurimi ruhuza Abanyarwanda umuco waba wacitse.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego



**Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, (MINUBUMWE) Dr Bizimana Jean Damascene**

rw'Igihugu Rushinzwe Intwari, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO), Ngarambe Francois, ashimangira ko mu gihe nta rurimi ruhuza Abanyarwanda nta cyizere cyuzuye cyagaragaza ko u Rwanda ruzagira Intwari mu myaka iri imbere.

Ati: "Turifuza ko Ikinyarwanda gikoreshwa mu nzego zose kuko tudafite ururimi ntabwo twakwizera kuzagira intwari mu minsi iri imbere kuko ubutwari buratozwa n'ururimi ruratozwa kandi rurigwa."

Ngarambe avuga ko amateka u Rwanda rwanyuzemo agira uruhare mu gutuma abantu bumva ko kuvuga indimi z'amahanga ari byo bigaragaza ko basirimutse, kandi ahanini usanga n'izo ndimi batazivuga neza; agasaba abantu gusigasira Ikinyarwanda nk'indangagaciro y'Umunyarwanda.

Bamwe mu batungwa agatoki bica Ikinyarwanda barimo abayobozi mu nzego zitandukamye, abahanzi, abanyamakuru n'abandi.

Minisitiri Dr. Bizimana asaba ko abagira uruhare mu konona ururimi bakwikosora bakarukoresha mu buryo buboneye.

Intebe y'Inteko, Robert Masozera ahamya ko Intwari z'u Rwanda zakoresheje Ikinyarwanda kuko ibikorwa byazo byose zifashishije ururimi kavukire.

Isuzumabipimo ryo muri Kanama 2025, rigaragaza Umurage ndangamuco w'u Rwanda ryagaragaje ko ururimi rw'Ikinyarwanda ruvugwa n'Abanyarwanda 99,7%.

Abanyarwanda babajijwe bagaragaraje ko ku kigero cya 70.6% ari bo bakoresha nabi Ikinyarwanda, muri abo 6,6% ntibagikoresha mu buryo buboneye, mu gihe 64,3% bagaragaje ko imikoreshereze yacyo idashimishije.

Impamvu Abanyarwanda bagaragaza ku gukoresha nabi Ikinyarwanda byagaragaye ko bakivanga n'indimi z'amahanga ariko mu mpamvu bagaragaje zaje ku isonga ni ukugaragaza ubuhanga, ubwirasi, ubusirimu n'ubwiyemezi mu zindi ndimi ku kigero cya 32,5%.

Byakurikiwe n'abavuze urwiganwa bigana abakomeye ku kigero cya 22,5% ariko hari n'abatazi Ikinyarwanda bitewe n'ingaruka z'amateka ku kigero cya 14,5%; mu gihe kubura amagambo yabugenewe biri kuri 14%.

# Intwari Maj. Gen. Rwigema azutse ntiyakwicuza- Abaturage b'i Kagitumba



Aho Maj. Gen. Rwigema yaraye ijoro atangizaho urugamba ubu hubatse isoko mpuzamipaka risa neza

**HITIMANA** Servand

***Imyaka ikabakaba 32 irashize u Rwanda rubohowe, abaturage bishimira iterambere bagezeho bazirikana Intwari zatanze ikiguzi kiruta ibindi, zirimo Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema watabarutse ku ikubitiro ubwo urugamba rwo kubohora Igihugu rwatangiraga mu myaka 36 ishize.***



Abaturiye aho Intwari Maj. Gen. yaguye baterwa ishema n'amateka ye

Abaturage batuye hafi y'umupaka wa Kagitumba wabaye amarembo y'urugamba rwo kubohora u Rwanda hakanagwa Intwari y'Imanzi Maj. Gen. Rwigema, bavuga ko baterwa ishema n'uko ibyo yitangiye byagezweho ubu bakaba basoroma imbuto z'ubwitange butizigama bagize.

I Kagitumba ni ho havugiye isasu rya mbere ritangiza urugamba rwo kubohora u Rwanda, hari mu gitondo cy'itariki ya 1 Ukwakira 1990. Ku itariki ya 2 Ukwakira, Maj. Gen. Rwigema yarasiwe ku gasozi ka Rwentanga (i Nyabwishogwezi) ahasiga ubuzima ariko urugamba rurakomeza.

Abaturanye n'aka kagasozi harimo abari bazi Maj. Gen. Rwigema ndetse n'abakiri bato, bose bavuga ko habibutsa ubutwari n'ubwitange byaturukaga ku gukunda Igihugu cye n'Abanyarwanda, bagahamya ko iyi ntwari iramutse izukiye mu Rwanda rw'ubu atakwicuza ahubwo yaterwa ishema no kubona ibyari inzozi ze byarahindutse impamo.

Bavuga ko mu kuzirikana ibyiza byakozwe n'Intwari Maj. Gen. Rwigema basigasira icyerekezo cy'ibyo yawaniraga binyuze mu gukora cyane no guharanira kubaka ahazaza hazira urwango n'amacakubiri abuza bamwe uburenganzira ku gihugu cyabo.

Kayitare Geofrey yagize, ati: "Tunezezwa no kuba dutuye muri ibi bice Maj. Gen. Rwigema na bagenzi be batangirijemo urugamba. Bituma twumva neza agaciro dukwiye intwari zacu zasise byose zigahitamo kwitangira u Rwanda. Mu kubitura rero ubu natwe turi mu ngamba dukora cyane kugira ngo dusigasire ibyo barwaniraga ku buryo ntekereza ko urebye aho Igihugu kigeze Rwigema aramutse azutse ntiyakwicuza kuko yasanga ibyo yapfuye aharanira tubihagazemo neza."

Akomeza ahamya ko gusigasira ibyagezweho ari umukoro ukomeye ariko batazatezukaho.

Gahiga Gashumba na we yagize ati: "Ni ishema guturana n'uyu musozi watabarukiyeho Intwari yacu. Ni amateka yacu atwibutsa abitanze bose bagahara ubuzima kugira ngo hashyirwe imbere ineza y'Igihugu. Mu gihe nk'iki cyo kuzirikana Intwari z'Igihugu twe inaha tubyumva cyane kuko tubana n'aya mateka.

Maj. Gen. Fred Gisa Rwigema watabarukiye kuri aka gasozi ni Umunyarwanda wakuranye ishyaka ry'Igihugu aho we na bagenzi be bahuje umugambi wo kugitabarira. Abaguye kuri uru rugamba Uwiteka abatuze aheza, abarurokotse na bo akomeze abarangaze imbere, mwarakoze cyane turabashimira."

**Muri byinshi byo gutura intwari harimo iterambere rimaze kugera i Kagitumba**

Mujawingoma Ange ukorera ubucuruzi i Kagitumba agira ati: "Reka intwari zacu tuzibwire ko ibintu byabaye byiza cyane. Ahari ibinani ari mu kidaturwa ubu ni urwererane. Reba isoko rigezweho twubakiwe hano binavugwa ko ari naho hari inzu Maj. Gen. Fred Rwigema yarayemo akinjira mu Rwanda. Ubuse aho bari ntibamwenyura? Turashima ubwitange bwabo kuko ni bwo butugejeje aha."

Gahiga Gashumba na we yongeye gushimangira ko abitangiye u Rwanda bataruhiye ubusa kuko iterambere rikomeje kugerwaho ari ntagereranywa, rikajyana n'umutekano w'Igihugu.


Ati: "Reba umuhanda Kagitumba- Gicumbi- Musanze, ubu ntakuzenguruka i Kigali, reba amatara ku muhanda. Bivuze umutekano ku bagenzi. Inaha habaga ishuri rimwe. Ubu hari menshi yemwe n'inshuke zigira heza cyane. Ubworozi bwateye imbere aho ubu Umurenge wa Matimba ugemura umukamo wa litiro 5 000 ku munsi, ni umukamo wavaga mu Karere kose mu myaka itambutse. Ni byinshi byo kwishimira."

Umuyoboziwungirijew'Akarere ka Nyagatare ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague, yavuze ko abaturage b'Akarere ka Nyagatare bazi ko kubohora Igihugu byajyana no kuzirikana ubutwari bw'ababigizemo uruhare.

Matsiko Gonzague yabigarutseho mu gitaramo cyo kuzirikana ubutwari cyateguwe n'aka Karere ku wa 23 Mutarama.

Yagize ati: "Iyo twibuka Intwari biratworohera kuko dufite ibimenyetso bisobanura ayo mateka. Hari inzira ya Kagitumba hakaba indake ya Gikoba, hari amateka y'ahitwaga mu Gasantimetero n'ibindi. Aya mateka rero by'umwihariko ni ayo gusobanurira urubyiruko rukumva neza uko akazi kakozwe n'intwari zacu hanyuma rugakomeza kubaka ubwo butwari. Tunashima kandi abaturage bacu bazirikana aya mateka ndetse bakagira ukwiyemeza mu kuyasigasira."

Muri iki gihe cyo kwizihiza Umunsi w'Intwari ku nshuro ya 32 abaturage bo mu Murenge wa Matimba bavuga ko bibasanze mu busasuruke bw'iterambere n'imibereho myiza. Barishimira ibikorwa by'ubuhinzi bahatunganYijwe igishanga cya Kagitumba ubu kikaba kubyazwa umusaruro watumye nta nzara ikirangwa muri aka gace.



Abatuye i Matimba bashima ubworozi bagezeho babikesha ibikorwa by'abitangiye Igihugu





# Perezida Kagame yasangiye n'abayobozi ba UGHE na PiH

**NTAWITONDA** Jean Claude

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame, bakiriye ku meza basangira ibya nimugoroba n'abayobozi ba Kaminuza Mpuzamahanga y'Ubuvuzi n'Ubuzima Rusange (UGHE) ndetse n'abahagarariye Umuryango Partners in Health.***

Abo bayobozi barimo Bill na Joyce Cummings bazwi mu bikorwa by'ubugiraneza, Didi Bertrand Farmer na Ophelia Dahl bari mu bashinze Umuryango Partners In Health, Umuyobozi w'Icyubahiro wa UGHE / University of Global Health Equity Dr. Jim Yong Kim n'Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza ya UGHE, Prof. Philip Cotton.

Ibiganiro byaje bikurikira ibirori byo gutanga impamyabumenyi ku basoje amasomo muri UGHE no kwizihiza imyaka 10 iyi kaminuza imaze ishinzwe byabaye ku Cyumweru tariki ya 25 Mutarama 2026.

Ni ibiganiro byibanze ku musanzu wa UGHE mu burezi bw'u Rwanda n'umwihariko wayo mu gutegura abayobozi b'ahazaza mu rwego rw'ubuzima.

Guverinoma y'u Rwanda ishima umusanzu wa Dr Paul Farmer washinze iyi kaminuza mu guharanira ko abaturage bose bagerwaho n'ubuvuzi kandi bitabahenze.

UGHE yafunguye imiryango mu Rwanda mu 2015 bigizwemo uruhare n'Umuryango Partners in Health (PIH) bigizwemo uruhare na Dr Paul Farmer witabye Imana mu 2022.



Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame, basangiye n'abayobozi ba UGHE n'abahagarariye Umuryango PiH

Abarangije amasomo muri UGHE bibukijwe ko bitezwemo kuba abakozi bashoboye haba mu kuvura abantu, gufata ibyemezo no kuzamura ireme rya serivisi zitangwa n'urwego rw'ubuzima.

# UGHE yahaye Jeannette Kagame Impamyabumenyi y'Ikirenga y'icyubahiro

**KAMALIZA** Agnes

***Kaminuza Mpuzamahanga y'Ubuvuzi n'Ubuzima Rusange (UGHE/ University of Global Health Equity) yahaye Madamu Jeannette Kagame Impamyabumenyi y'Ikirenga y'icyubahiro, ku bw'umusanzu yagaragaje mu kwita ku baturage, uburezi no kugeza ubuvuzi kuri bose mu Rwanda, Afurika n'ahandi ku Isi.***

Iyo mpamyabumenyi yayihawe ku Cyumweru tariki ya 25 Mutarama 2026, ubwo yari yitabiriye ibirori byo kwizihiza imyaka 10 iyo kaminuza imaze ikorera mu Rwanda, byahuriranye no gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri 78 ku cyicaro gikuru cyayo giherereye i Butaro mu Karere ka Burera, Intara y'Amajyaruguru.



Madamu Jeannette Kagame yahawe Impamyabumenyi y'Ikirenga y'icyubahiro, kubera kwita ku baturage, uburezi n'ubuvuzi

Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko ari iby'agaciro kuba ahawe iyo Mpamyabumenyi, ashimira uruhare n'umusanzu bya UGHE n'abanyeshuri basoje amasomo, agaragaza ko impinduramatwara bazanye zizashyigikira ubuzima.

Yavuze kandi ko atabona amagambo asobanura uwo munsi ariko ari iby'agaciro kuba yahawe iyo mpamyabumenyi.

Yagize ati: "Mbashimiye impamyabumenyi mumpaye kandi nyakiranye guca bugufi. Gushimirwa muri ubu buryo ni impano ntabona amagambo ahagije yo kuyivugaho."

Yashimiye abasoje amasomo, avuga ko uruhare rwabo ruzagoboka ubuzima kandi rubuteze imbere, binyuze mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byugarije ubuzima mu buryo bwa bugufi aho gushakira ibisubizo ahandi.

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko mu gihe kirekire gishize ibisubizo mu rwego rw'ubuzima byashakirwaga ahandi ariko kuri ubu hari ukuri guhari, kuko izo ndwara n'imfu zashoboraga kwirindwa bifitiwe ibisubizo.

Yagize ati: "Uyu munsi hari ukundi kuri kuko ububabare, indwara n'imfu byashoboraga kwirindwa si byo tugenewe, kandi ntitugomba gutegereza ibisubizo biturutse kure."

Aba banyeshuri basoje amasomo nyuma y'imyaka irenga itandatu aho batangiye amasomo kuva mu 2019, bakaba ari bo mbere bahawe impamyabumenyi kuva iri shami rya Butaro ryafungurwa.

UGHE yafunguye imiryango mu Rwanda mu 2015 bigizwemo uruhare n'Umuryango wita ku Buzima, Partners in Health (PIH) bigizwemo uruhare na Dr Paul Farmer witabye Imana mu 2022.

Madamu Jeannette Kagame wahawe iyo mpamyabumenyi yagiye ahabwa n'ibihembo ku rwego mpuzamahanga, ashimirwa uruhare rwe mu guteza imbere ubuzima, uburezi, ubumwe n'ubwiyunge, ndetse no guteza imbere imibereho y'abagore n'abakobwa.

Mu kwezi k'Ukwakira 2025, yahawe igihembo n'Ihuriro Mpuzamahanga ry'Abaganga b'inzobere bita ku Buzima bw'Abagore, (FIGO) kubera uruhare yagize mu guteza imbere ubuzima bw'abagore n'ubw'umwana w'umukobwa.

Yahawe igihembo cya 'African Woman of Excellence Award' mu 2018 kubera ibikorwa by'indashyikirwa mu gushyigikira iterambere ry'abagore n'imiryango itishoboye muri Afurika, ndetse n'ibindi bitandukanye kubera uruhare yagize mu guhindura ubuzima bw'abaturage.

# Umujyi wa Kigali uhuza ubusitani n'impinduka z'ibikorwa remezo



Ubusitani butanga umwuka mwiza bukomeje kwagurwa ndetse bunagenerwa umwanya ahagukira umujyi

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Kigali Icyeye kandi Itekanye" ntibikiri imvugo gusa kuko imishinga inyuranye ishyirwa mu bikorwa igenda yagura isura nziza y'Umujyi wa Kigali ari na ko irushaho kunoza imibereho y'abatuye cyangwa abagenda mu Mujyi.***

Mu bituma Abanyakigali barushaho kunogerwa n'ubuzima bwo kuba muri uyu Mujyi wiyongeramo abaturage bashya bagera ku bihumbi 50 buri mwaka, harimo kuba hari igishushanyombonera cy'imiturire n'ibikorwa remezo gikomeza kubahirizwa hanagenwa uburyo abantu babona umwuka mwiza ndetse bakabona n'aho kuruhukira.

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali buvuga ko mu kurushaho kugira Kigali icyeye kandi itekanye, ubuso bukorwaho ubusitani n'ibyanya byo kwidagaduriraho bukomeza kwagurwa.

Mu mishinga minini ihindura icyerekezo cy'ubusitani bugezweho mu Mujyi wa Kigali, harimo uwo gutunganya ibishanga bikavamo ibyanya byo kuruhuka n'imyidagaduro.

Igishanga cyabanje gutunganywa mbere y'ibindi ni icya Nyandungu gifite ubuso bwa hegitari 121, hakaba hakurikiyeho umushinga wo gutunganya ibindi bishanga biri ku buso busaga hegitari 500 mu nganda n'aho zahoze.

Nanone kandi hari indi mishinga irimo gukora ubusitani bushya bwa Masaka kuri hegitari enye, no gutunganya hegitari zisaga 395.6 z'ibyanya bikomye zitezweho kongera ahatewe amashyamba n'ibiti bitanga umwuka mwiza n'ahantu hahagije ho kwidagadurira.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel, avuga ko hakenewe igenamigambi rirambye kugira ngo ubusitani rusange bukomeze kwiyongera no kubungabungwa neza mu gihe Umujyi ukomeza kwaguka, bikaba biteganyijwe ko uzaba utuwe n'abakabakaba miliyoni 4 mu 2050.

Intego y'Umujyi wa Kigali ni ugutera ibiti miliyoni 3 mu myaka 5 biciye mu bukangurambaga nka IgitiCyanjye, bwatangijwe ku bufatanye n'Umushinga SUNCASA, n'abaturage bo mu Turere twose tugize Umujyi wa Kigali.

Ibi bikorwa bigamije guteza imbere umujyi utoshye, kurwanya imyuka ihumanya ikirere no kongera ubusitani rusange. Ubusitani nka Camp Kigali, Imbuga City Walk (Car Free Zone) n'utundi duto two mu Midugudu, butanga umwanya wo kuruhuka, gukora siporo no guhura kw'abaturage.

**Iterambere ryihuta n'igitutu cy'imiturire**

Mu gihe Kigali ikomeje kwaguka, ubutaka burushaho kuba buke kandi buhenze, bigatuma hari aho ubusitani busimbuzwa inyubako z'ubucuruzi cyangwa amacumbi.

Dusengiyumva avuga ko mu gihe ubusitani rusange butunganywa na Leta, abaturage na bo basabwa gutunganya ubw'aho batuye aho kububona nk'ubutaka 'butabyazwa umusaruro' bumva ko bwakabaye bwubakwamo inyubako zunguka.

Urugendo rwo gutunganya ubusitani rusange no kububungabunga rubonwa nk'umusingi w'iterambere rirambye kuko runatanga imirimo itangiza ibidukikije ku Banyakigali batagira ingano.

Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali busanga kugira ngo ubusitani bugire uruhare rufatika mu iterambere, hakenewe igenamigambi rirambye rishyira ubusitani mu by'ingenzi byubakwa, ubukangurambaga buhoraho bushishikariza abaturage kubwitaho, ishoramari mu bikoresho n'abakozi bashinzwe kubusukura no kubwitaho no kugena igipimo ntarengwa cy'ubusitani mu nyigo z'imishinga y'imiturire.

SOLEKTRA ATEC

LOCAL STAKEHOLDER CONSULTATION MEETING INVITATION FOR "DATA-VERIFIED SMART INDUCTION STOVE PROJECT IN RWANDA"

ATEC Australia International Pty Ltd. in collaboration with Solektra Rwanda Limited is pleased to invite you to a stakeholder consultation forum for the proposed project "Data-verified Smart Induction Stove Project in Rwanda". The project is expected to expand and distribute up to 100,000 ATEC's smart induction electric stoves to grid-connected urban and peri-urban households in Rwanda . This initiative will replace traditional charcoal stoves with ATEC's smart stoves, making cooking cleaner and simpler while reducing charcoal and fuelwood use and lowering carbon emissions. Developed and implemented by ATEC, the project is being implemented under Article 6.2 of the Paris Agreement/CORSIA in collaboration with local partners in Rwanda.

ATEC's smart induction electric stoves feature advanced, energy-efficient technology, ensuring cost-effective and convenient cooking. Additionally, users will benefit from ATEC's Cook-to-Earn (C2E) model, which provides incentives based on their usage targets. Furthermore, the project is expected to improve the well-being of household members—particularly women, infants, and children—by reducing exposure to indoor air pollution, lowering health-related expenses, and alleviating the burden of purchasing charcoal or collecting firewood for cooking.

ATEC will serve as the Project Developer and Implementer, while Solektra Rwanda Limited will oversee national-level coordination in Rwanda, managing stove distribution, after-sales support, and government relations. Additional local partners may also be engaged to support implementation activities as the project scales. Revenue will come from stove sales and converting usage data into verified emission reductions (ITMOs) through the dMRV platform. These ITMOs will be sold to the buyer, securing essential project funding. The funds will cover project management costs, loan repayments, direct payments to households, and support for distribution partners.



We value your input into our project and invite you to attend the stakeholder consultation meeting which will be held in the local language. The consultation workshop will take place The consultation workshop will take place as info below:

March 4, 2026
9:00 AM- 12:00 PM

Venue
Grand Legacy Hotel, Kigali

The following topics will be discussed:
- Project partners and the objectives sought through the project
- Objectives of the stakeholder consultation
- Overview of project activities & technology
- Explanation of Article 6.2 Paris Agreement/CORSIA
- Safeguarding principles and assessment of the project impacts
- Contribution to the Sustainable Development Goals (SDGs) and review of monitoring methods
- Grievance Mechanism
- Stakeholder feedback round procedure
- Feedback/Evaluation forms

We look forward to your participation and constructive discussion during the consultation meeting. Should you not be able to join the physical meeting, you may share your views, concerns, and feedback regarding the project in writing by email to mail to the following contact details:

Mr. Israel Kavamahanga
Contact number: +250 782 499 048
Email: israel@solektra.co





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ingorane z'abatunze ibinyabiziga bitabanditseho*

Umugabo witwa Mugiraneza Innocent (amazina yahinduwe) yaguze imodoka yo mu bwoko bwa Toyota Hilux mu mwaka wa 2012, ariko kugeza n'uyu munsi uwo baguze ntaramuha amahirwe yo kujyana ku Kigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) ngo baherekanye icyo kinyabizika mu buryo bwemewe n'amategeko.

Yagerageje kenshi guhamagara uwo baguze, ariko ahora amubwira ko nta mwanya abona ndetse rimwe na rimwe akanga gufata telefoni ye. Avuga ko afite amadeni menshi yagiyemo ataragurisha, akaba yifuza ko Mugiraneza yayamwishyurira.

Ku waguze aba afite ibyago by'uko iyo imodoka ifatiwe mu byaha cyangwa ikoze impanuka, polisi ishobora gukurikirana uwayitunze mbere.

Muri icyo gihe kandi imodoka igize ikibazo, sosiyete z'ubwishingizi zishobora kwanga kwishyura ibyangiritse kubera ko biba bigaragaza ko uwakoze impanuka atari we nyiri modoka mu buryo bwemewe, ibyo bikaba byateza igihombo gikomeye mu by'ubukungu.

Uretse n'ibyo, inzego nka Polisi zifite ububasha bwo gufatira ibinyabiziga nk'ibyo mu gihe bigaragaye ko bitanditswe ku bavuga ko babitunze ariko bitabanditseho.

Ku bagurishije mbere, mu mategeko ni bo birengera ibihano byose byandikirwa imodoka ikiri kuri nomero yabo y'usora (TIN) kuko ari bo baba bakigaragara mu makuru y'inzego za Leta.

Nk'iyo modoka ikoze impanuka cyangwa ikagwa mu cyaha, mu bakorwaho iperereza harimo n'uwagurishije ariko ntiyiyandukuze kuri icyo kinyabiziga, kandi hari ubwo bimugeza kure kubera ingorane zibonekamo.

Uwagurishije kandi ashobora guhura n'ibyago byo kuba atabasha guhagarika ibijyanye n'ubwishingizi bikaba bishobora kongera ibitwara amafaranga.

Mu kwirinda ibyo bibazo ku mpande zombi, icy'ingenzi ni uko uruhande rwaguze n'urwagurishije bakwiye guhererekanya ibyangombwa.

Birashoboka kuba umuntu atakwihererana ikibazo cy'uwo baguze umunaniza mu rugendo rwo guhererekanya ikinyabiziga, inzego ziteguye gufasha uwagira icyo kibazo mu kwezi kumwe kugeza ku wa 28 Gashyantare.

Mu gihe izi nzego ziteguye gutangira gufatira ibinyabiziga bitanditse kuri ba nyirabyo, birakwiye ko abo bireba bafite imbogamizi bakwitabaza ubutabera bukabafasha gukemura ibibazo birimo mu maguru mashya.

# Abasenateri batabarije aborozi bagowe n'igiciro cy'ibiryo by'amatungo gihanitse



Abasenateri bavugiye abaturage ku kibazo cy'ibiryo by'amatungo

ZIGAMA Theoneste

***Abasenateri bagaragarije Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ko ikibazo cy'ibiryo by'amatungo bikiboneka ku giciro gihanitse bityo abarozi bayo bakagwa mu gihombo ibyo bageraranya no kuba aborozi bayatunga ariko bo ntabatunge.***

Babigarutseho ku wa Mbere tariki ya 19 Mutarama 2026, ubwo Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) Dr Ndabamenye Telesphore, yarimo kugeza ku Nteko Rusange ya Sena ingamba zihari mu gukemura ibibazo bikiri mu kubona ibiryo by'amatungo.

Senateri Mureshyankwano Marie Rose yagaragaje ko iyo witegereje mu Rwanda abenshi mu borozi bamaranye igihe ikibazo cyo kuba batabona ibiryo by'amatungo ku giciro gito ugereranyije n'ibyo bayakuramo.

Yagize ati: "Ikibazo cy'ibiryo by'amatungo, hariho inganda ariko n'iziriho zikora ku rugero ruri hasi cyane."

Ikindi kirimo gikomeye abaturage bakanenga ko ibiryo by'amatungo bihenze. Icyegeranyo cy'urwego rw'Imiyoborere mu Rwanda cyagaragaje ko abaturage bangana na 57,9% bakigaragaza ko ibiryo by'amatungo bidahagije.

Hari abavuga ngo "amatungo ni ukuyatunga ariko yo ntabwo adutunze."

Senateri Mureshyankwano kandi yavuze ko hari n'ikibazo cy'ubuziranenge bw'uko ibyo biryo bikorwa.

Ati: "Aborozi badafite ubumenyi buhagije ku kugaburira amatungo, nta buryo buhagije bwo gupima ibivamo ibiryo by'amatungo, nk'ibigori na soya, kandi abakora ibyo bitujuje ubuziranenge ntabwo bahanwa."

Yagaragaje ko igiteye impungenge ari uko ibyo biryo iyo bigaburiwe amatungo bitujuje ubuzirange bishobora no kugira ingaruka ku muntu wariye ibiyakomokaho birimo inyama, amata cyangwa amagi.

Hon. Mukabalisa Domitille yavuze ko hari n'ibiribwa by'amatungo byoherezwa mu mahanga nyamara abo mu Rwanda batarihaza.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore, yagaragaje ko Guverinoma yafashe ingamba zigamije guhangana n'iki giciro cy'ibiryo by'amatungo binyuze mu kongerera ubushobozi inganda zibikora no kongera umusaruro w'ibihingwa bikurwamo ibyo biryo.

Ati: "Ibibazo by'ibiryo by'amatungo birimo iby'amatungo yuza nk'ibyatsi, hari n'ibiba byanyujijwe mu nganda, bigaburirwa atuza, n'ibigaburirwa amafi, iyo urebye ibyanyuze mu nganda n'ubundi biba byaturutse mu bihinzi. Ni ibigori bikoreshwa kuri 50%, Soya igakoreshwa kuri 40%, iyo urebye rero uba ukeneye ibikoresho by'ibanze."

Yavuze ko hari gahunda yo kugabanya ibikurwa hanze y'Igihugu mu rwego rwo guhangana n'icyo giciro cyabyo ku masoko.

Ati: "Twatekereje rero kuri gahunda ebyiri, kuzamura umusaruro w'ibihingwa kuri hegitari, aho ubutaka twahingwaga nibura kuri hegitari imwe tukaba twakuramo ibihumbi 600. Tukaba twazamura tukeza nka toni 4 kuri hegitari twajyaga twezaho toni 2 ndetse ahandi tukaba twazirenza."

Yunzemo ati: "Ibikomoka ku buhinzi nibiboneka biraza byunganire ibikenerwa mu nganda bivamo ibiryo by'amatungo ariko kandi bivemo n'ibyo abaturage bagomba kurya. Tuzakomeza dukore isesengura kuko na bya bindi dukura mu nganda ntibihagije."

Ibyo tuzabinogereza muri gahunda tugiye gushyiraho aho inganda zishyiraho uburyo bunoze kugira ngo zunganirwe, zikore ibiryo by'amatungo bityo n'abahinzi babigure bahendukiwe."

Ubworozi ni rumwe mu nzego zifatiye runini Abanyarwanda, cyane ko rufite uruhare rwa 3% mu Musaruro Mbumbe w'Igihugu. Intego ni uko bizagera mu 2029, ubworozi bukorwa mu buryo bugezweho butunga ababukora, ndetse bukinjiriza igihugu amafaranga menshi.

Ibi bizakorwa binyuze mu kongera ingano y'ibiryo by'amatungo bitunganywa, gukoresha icyororo cyiza no guteza imbere ibijyanye n'ubuvuzi bw'amatungo.

Imibare ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi igaragaza ko 50% by'ingo zo mu Rwanda zorora hagamijwe inyama, amata n'amagi.

Muri izi ngo izoroye inka ni 28%, izoroye ihene ni 19%, ingurube ni 15%, inkoko ni 12%, mu gihe izoroye inkwavu ari 6%.

# Tshisekedi aracyafitiye ibyiringiro abacanshuro bataragirira umumaro Congo

KAMBANDA Noel

***Mu mateka ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), izina ry'abacanshuro ryagarutsweho inshuro nyinshi, ariko ntiryagira aho ryandikwa nk'intsinzi. Kuva mu myaka ya 1960 kugeza uyu munsi, Congo yabaye nk'ikibuga cy'igerageza cy'abarwanyi b'abacanshuro; bamwe baje biyita abarimu, abandi abatoza, abandi abarinzi b'umutekano wihariye.***



Abacanshuro bo muri Roumania basubizwa iwabo bahawe inzira n'u Rwanda

Ariko uko imyaka yagiye itambuka, ukuri kwagiye kugaragara. Abacanshuro nta nkuru y'umutsindo bigeze bagira muri Congo, ntibigeze bazana amahoro arambye, ntibigeze bubaka igisirikare gikomeye, ntibigeze basiga igihugu gihagaze neza kurusha uko bagisanze.

Uyu munsi, Perezida wa RDC Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, aracyafite icyizere ko azatabarwa n'abacanshuro. Icyo cyizere si gishya, kandi si umwihariko we. Ni umurage w'imiyoborere yagiye isimburana muri Congo, igihe cyose ubutegetsi bwiyumvagamo intege nke, ruswa n'ibindi bugahitamo "gukodesha intwaro" aho gukemura ikibazo mu mizi.

Amateka amaze imyaka irenga mirongo itandatu muri Congo agaragaza ko iyi nzira ihora irangira kimwe: amasezerano menshi, amafaranga menshi, imyitwarire mibi, gutsindwa ku rugamba, hanyuma igisebo.

Abacanshuro bakoreshwa igihe igihugu cyatakarije ingabo zacyo icyizere. Ibi kandi bica intege ingabo kuko zibona ko zitagikenewe ko haje abandi kandi bahembwa akayabo bakabaharira intambara.

Perezida abanza kubihakana ku mugaragaro, akavuga ko adakeneye abacanshuro, ko igihugu gifite igisirikare gihagije. Ariko mu ibanga, amasezerano agashyirwaho umukono, amafaranga akoherezwa hanze, maze abacanshuro bakaza binyuze mu madirishya mu gihe ku muryango bavuga ko ntawinjiye.

Muri Nyakanga 2022, Tshisekedi yabwiye ikinyamakuru Financial Times ko adakeneye abacanshuro kandi ko atazi n'aho yabakura. Iryo jambo ryaje gusenyuka nk'inzu y'ibikarito igihe amafoto n'amashusho byagaragazaga abacanshuro b'Abanyarumaniya basubizwa iwabo banyuze mu Rwanda mu ntangiriro za 2025. Icyo Tshisekedi yahakanye si gishya: abayobozi ba Congo bamaze imyaka 60 bahakana abacanshuro kugeza igihe batsinzwe.

Nubwo abayobozi ba Congo mu bihe binyuranye bakoresheje abacanshuro, Tshisekedi yaciye agahigo, yasinye amasezerano n'umutwe w'abacanshuro uyobowe na Horațiu Potra azana abacanshuro bo mu gihugu cya Rumaniya.

Bamwe bari bafite ubunararibonye, bwa gisirikare abandi batazi no gufata intwaro. Hari n'abari abasirikare bakiri mu ngabo z'igihugu cya Rumaniya, bari mu kiruhuko cy'umwaka gihabwa ababyaye, abandi bari aho gusa kugira ngo umubare uzamuke.

Bahembwaga hagati ya 5 000 na 8 000 by'amadolari ku kwezi, igihe bari ku kazi, mu gihe umusirikari wa FARDC atageza ku madolari 100 ku kwezi nk'uko bitangazwa n'imibare igaragazwa n'inzego z'umutekano z'icyo gihugu.

No mu kiruhuko, bakomezaga guhembwa 3 000 by'amadolari. Amasezerano avuga ko nyuma y'amezi atatu, bahabwa ikiruhuko cyishyuwe. I Goma, ntibabagaho nk'abasirikare; babagaho nk'abatware batinyitse.

Babaga mu nzu zihenze, rimwe na rimwe umuntu umwe agafata ibyumba bibiri cyangwa bitatu, kugira ngo amafaranga y'ubukode yiyongere, nkuko nyiri inzu na Hoteli babagamo i Goma yagombaga gusangira n'abo mu gatsiko ka Tshisekedi atanga amafaranhga ya komisiyo.

I Goma mu maresitora, mu tubari no mu tubyiniro, bafatwaga nk'abantu badakorwaho. Umunyekongo ntiyabanzaga kwitabwaho mbere yabo. Abakozi bakundaga cyane abacanshuro kubera ko bishyuraga mu madolari ntibagaruze (tips). Mu masaha make, umukozi muri hoteli cyangwa resitora yashoboraga kubona amafaranga arenze ayo umukozi wa Leta abona mu kwezi.

Abasirikare bakuru ba FARDC, barabumviraga nubwo yaba ari Colonel yahabwaga amategeko n'umucanshuro kuko babaga babatezeho amakiriro yo kubagurira ibyo kurya no kunywa.

Abasirikare ba FARDC bari barabaye nk'abarinzi b'abacanshuro aho kubategeka, babakurikira. Bababereye abarinzi, babategurira amafunguro n'imyidagaduro. Ubuyobozi bwarahindutse: igisirikare cy'igihugu gishingira ku bacanshuro.

Nubwo babagaho nk'abami, ku rugamba yari indi nkuru. Bose bashakaga kuba ku ntwaro ziremereye zitanga umusada (zunganira aho rukomeye) aho kujya ku rugamba nyirizina nyuma yaho bamwe bishwe abandi bagakomeretswa mu nkengero za Goma igihe M23 yari yugarije uyu mujyi. Benshi bamenye ko intambara yo mu burasirazuba bwa Congo na M23 atari ijoro ryo mu tubari twa Goma.

M23 yakomeje kwegira imbere kugeza ifashe Umujyi wa

KOMEZA KU RUP.9





# Tshisekedi aracyafitiye ibyiringiro abacanshuro bataragirira umumaro Congo

IBIKURIKIRA URUP.8

Goma muri Mutarama 2025, abacanshuro bahungira mu kigo cya Loni mu gihe abasirikare bakuru ba FARDC bifatiye ubwato berekeza Bukavu.



Abacanshuro bakubitiwe inshuro i Goma bahawe inzira yo gusubira iwabo banyuze mu Rwanda, aha basakwaga n'abapolisi ku Mupaka wa La Corniche

Tariki ya 29 Mutarama 2025, Isi yose yatunguwe no kubona abacanshuro bahambirijwe n'umutwe wa M23 u Rwanda rukabaha inzira ngo basubire iwabo. Umuvugizi wa M23 Willy Ngoma, yabasezeyo abaha ubutumwa ngo "… ntimugakinishe M23 ni ingabo z'abaturage. Turwanirira uburenganzira bw'abana bacu mwebwe murwanira amafaranga."

Muri uku kwezi kwa Mutarama 2026 ubwo M23 yikuraga mu Mujyi wa Uvira, isaba ko Umuryango Mpuzamahanga wakohereza ingabo ziwucunga, ingabo za Congo, Wazalendo, FDLR n'abacanshuro bo muri Columbia bahise bisuka muri uyu mujyi. **Bigaragara ko Tshisekedi agifite ibyiringiro mu bacanshuro**

Gukoresha abacanshuro muri Congo byatangiye nyuma gato yaho icyo gihugu kiboneye ubwigenge. Mu 1965, igisirikare cya Leta cyakoresheje abacanshuro bazwi nka "5 Commando" kurwanya abashaka kwigenga kw'Intara ya Kwilu. Babarwanyije bakora ibikorwa by'iyicarubozo bigira ingaruka za politiki mu baturage bari batuye iyi ntara.

Mu 1967, Umubiligi Colonel Jean Schramme yarwanyije ubutegetsi bwa Mobutu ashaka gushinga intara ya Kivu yigenga nyuma aza gutsindwa bamwambura Bukavu ahungira mu Rwanda. Mobutu yasabye Kayibanda kumuha Schramme n'abarwanyi be ariko ku gitutu cy'u Bubiligi Kayibanda ntiyabatanga. Ibi byabaye intandaro yuko Mobutu yasuzuguraga Kayibanda amwita umuperezida muto uyobora agahugu gato.

Mu ntambara ya mbere ya Congo (1996–1997), ubwo ubutegetsi bwa Mobutu bwari buri mu marembera, amateka yongeye kwisubiramo. Yashatse kurinda Umujyi wa Kisangani akoresheje "White Legion" yavuye muri Yougoslavia, ubwo uwo mugi wari wugarijwe n'inyeshyamba za AFDL zari ziyobowe na Laurent Desire Kabila.

Intego yari imwe yo kurinda Umujyi wa Kisangani, ariko icyavuyemo ni ugutsindwa. Muri Werurwe 1997, abacanshuro bahunze Kisangani, irafatwa, Mobutu arahunga.

Tshisekedi utarigeze utorwa na rimwe ndetse adafite ubunararibonye muri politiki yahawe kuyobora igihugu gifite ibibazo bikomeye mu burasirazuba aho kubikemura arabyongera.

Kohereza abacanshuro b'Abanya-Colombia muri Uvira nyuma yuko M23 ivuye muri uyu mujyi nkuko yabisabwe n'abahuza mu masezerano yo kugarura amahoro muri iki gihugu, byerekana ko Tshisekedi adashaka amahoro ahubwo ko yumva intambara ariyo ya ngombwa nubwo adafite abo kuyirwana akiringira abacanshuro.

### Impamvu nyamukuru abacanshuro batsindwa

Impamvu nyamukuru abacanshuro batsindwa ni uko nta mpamvu yo kurwana baba bafite usibye gukorera amafaranga. Iyo bakoreshejwe abasirikari b'igihugu bacika morale kuko bigaragara ko badashoboye nabo impamvu yo kurwana igacik intege. Abacanshuro kandi bimiriza imbere ruswa kurusha discipline. Akenshi usanga batanavuga ururimi igisirikari baje gufasha bavuga bityo hakabura itumanaho hagati yabo nabo bafasha icyanyuma bab abambere mu guhuga iyo basumbirijwe n'umuriro bw'Igihugu.

Amafoto y'abacanshuro b'Abanyarumeniya basubira iwabo banyuze mu Rwanda muri Mutarama 2025 azahora mu mateka yo muri Afurika ku ikoreshwa ry'abacanshuro aho batigeze batsinda intambara na rimwe. Baza bavuga cyane, bakabaho neza, bakarwana gato, bagatsindwa vuba, bakagenda bucece.



Umuvugizi w'Ihuriro AFCM23 yihanangiriza umwe mu bayoboye abacanshuro kutazongera guhirahira bagaruka muri Congo

# Impamvu ibihugu bikize ku mutungo kamere bitabarwa mu bikize ku Isi

ZIGAMA Theoneste

***Umutungo kamere ni wo nkomoko y'ubukire bwose buboneka ku Isi, ariko usanga ibihugu ukomokamo bikiri munsi y'umurongo w'ubukene, rimwe na rimwe bigahendwa n'umusaruro w'umutungo kamere byagurishije ibihugu bikize bikawongerera agaciro.***



**Umutungo kamere ukoreshejwe neza ugira uruhare rukomeye mu iterambere ariko si wo ushyira igihugu mu bikize ku Isi**

Impuguke mu by'ubukungu zigaragaza ko igihugu gishobora kuba gifite ibikorwa remezo bikomeye cyangwa umutungo kamere mwinshi, ariko nticyitwe igihugu gikize ku rwego rw'Isi.

Muri iyi nkuru, haragarukwa ku bisobanuro n'isesengura by'impuguke n'inararibonye mu by'ubukungu, byerekana uko ibihugu bitera imbere cyangwa bigakena hashingiwe ku mikoreshereze y'ubukungu bifite n'uburyo bibubyaza umusaruro.

Abasesenguzi mu by'ubukungu bw'igihugu basobanura ko ubukungu bw'igihugu bushingira ku gaciro n'inyongera biva mu bikorwa by'abaturage cyangwa ibigo bikorera muri icyo gihugu, bikagira uruhare mu musaruro mbumbe w'Igihugu (Gross Domestic Product-GDP).

Impuguke mu bukungu, Kanimba François, wigeze kuba Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda ndetse na Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda, asobanura ko GDP ari igipimo kigaragaza inyongera y'agaciro ivuye mu bikorwa by'ubukungu, nyuma yo gukuramo ibyo byatanzwe kugira ngo umusaruro uboneke.

Yagize ati: "Ubukungu ni ibikorwa abaturage cyangwa ibigo bikorera mu gihugu batanga mu gihe runaka, bigafasha mu kuzamura umusaruro w'igihugu."

Yakomeje agira ati: "Igihugu kidashyira imbaraga mu bikorwa by'ubukungu by'abaturage bacyo, ubukungu bwacyo buguma ari buto. Ibihugu bitandukaniye ku rwego rw'ubukungu hakurikijwe umusaruro wabyo."

Kanimba François yasobanuye ko nubwo ijambo GDP rikunze kuvugwa cyane, abantu benshi batumva neza uko ribarwa.

Ati: "Hari ikintu bita GDP, gikunda kuvugwa ariko abantu batazi uko kibarwa. Dufashe urugero rw'ikigo nka Inyange Industries; uruhare rwacyo kuri GDP y'u Rwanda si agaciro k'imitobe cyangwa ibindi bicuruzwa bacuruje gusa.

Uruhare rw'Inyange ku musaruro mbumbe w'igihugu rubarwa hafashwe agaciro k'ibicuruzwa bashyize ku isoko, hagakurwamo agaciro k'ibyo bakoresheje mu kubyaza umusaruro, yaba ari iby'imbere mu gihugu cyangwa ibyavuye mu mahanga. Icyo gisigaye ari cyo nyongera y'agaciro, kikaba ari cyo ruhare kuri GDP."

Yakomeje asobanura ko 'GDP y'igihugu ari igiteranyo cy'inyongera z'agaciro zivuye mu bikorwa by'abantu n'ibigo bigize ubukungu bwacyo.'

Kanimba yakomeje avuga ko hari igihugu gishobora kuba gifite inganda nyinshi ariko ugasanga ntigikize.

Ati: "Hari aho usanga agaciro k'ibyo zibasha kugura cyangwa zikoresho bivanwa mu mahanga, bigenda bikarenga na 80% y'agaciro zashyize ku isoko, ubwo inyungu cyangwa uruhare ku musaruro wacyo ni 20% ntabwo tureba umubare w'ibyo bashyize ku isoko."

Impuguke mu bukungu na we wabaye Umuyobozi Mukuru mu nzego nkuru zitandukanye mu Rwanda, Dr Nsanzabaganwa Monique, asobanura ko kugira ngo umusaruro w'igihugu wiyongere bisaba ibintu byinshi.

Ati: "Hari ukuntu mushora kimwe ariko ugasanga musaruye ibitandukanye ni yo mpamvu uzumva bavuga ngo ibihugu byinshi muri Asia, mu myaka 30 cyanga 40 ishize byendaga kungana cyangwa biri mu kigero kimwe n'ibyo muri Afurika.

Ubu ngubu urareba ugasanga baradusize, kubera ko bashyizeho umuhate, bashyiramo abantu bafite ubuzobere, bazi gukora mbese ibintu byinshi birabashyigikira birimo ikoranabuhanga n'ibindi.

Mu gihe bitandukanye n'ikindi gihugu wenda abaturage bakiri mu bujiji cyangwa se imiyoborere y'Igihugu itameze neza, ni yo mpamvu uzabona igihugu cyacu nyuma ya Jenoside yahitanye abasaga miliyoni, abantu bibaza ngo ni gute gute cyakwigobotora ibyo bintu[…]."

**Ni ryari igihugu kibarwa nk'igikize kurusha ibindi?**

Dr Nsanzabaganwa yasobanuye ko kugira ngo habarwe ubukungu bw'ibihugu bitume hari ibishyirwa mu cyiciro cy'ibikize, ibifite ubukungu buringaniye n'ibikennye bishingiye ku bintu byinshi birimo umutungo w'umuturage muri rusange.

Yagize: "Hari abantu baba bafite amahirwe ariko badafite ishoramari, ukwiye kuzana ikoranabuhanga n'izo mashini n'ubwo bumenyi, abantu bagafata rya koranabuhanga bakaribyazamo igituma za nyongeragaciro ziboneka."

Yunzemo ati: "Ugasanga GDP y'Igihugu yaratumbagiye, n'iy'abaturage yaratumbagiye ariko wareba imibereho y'abaturage ugasanga iri hasi cyane."

Yakomeje avuga ko hari ibihugu bimwe byo muri Afurika yo hagati usanga bifite GDP y'asaga ibihumbi 8 by'Amadolari ariko abaturage babituye bakabaho nta bikorwa remezo bafite birimo imihanda, amashanyarazi.

Dr Nsanzabaganwa Monique avuga ko kugira ngo igihugu gitere imbere kigomba kugira abaturage benshi kandi bakibyiruka ndetse bafite imbaraga n'ubuzima buzira umuze.

Yagize ati: "Hari ibihugu byashyirwa mu bifite umutungo ukiri hasi, cyangwa ibifite ukiri hasi wegera kuzamuka, akenshi abaturage babigiramo uruhare. Abo bantu ni bo bagize isoko, bakora mu nganda, mu buhinzi n'ahandi".

Yakomeje avuga ko kugira ngo ababyiruka baganishe igihugu ku iterambere bisaba ko baba barize amashuri ahagije kandi abafasha gufata ibyemezo bizima bakagira umutekano aho kuwubuza abandi.

**Ni ryari igihugu kiba gikize ariko kikagira abaturage bakennye?**

Impuguke mu bukungu, Kanimba François avuga ko igituma ibihugu bimwe na bimwe bikira ariko bikanagira abaturage bakennye bishingiye ku buryo ubukungu bw'igihugu busaranganywa abaturage.

Yagize ati: "Ubukungu bw'Igihugu ntabwo ari GDP gusa ahubwo uburyo isaranganywa abaturage na bwo burabarwa cyane […]. Hari ibihugu cyane cyane muri Afurika bifite umutungo wa Peteroli bigacukura amafaranga akiyongera ariko uko ugezwa ku butarage ugasanga ari bake cyane batanagera ku 10%."

Izo mpuguke zihuriza ku kuba ibihugu kugira ngo bitere imbere hagomba gushyirwa imbaraga mu gutuma abaturge batera imbere bakabona ibibatunga umusaruro wabo ukabenerwa isoko kandi bakabona n'ibikorwa remezo bituma bagera ku iterambere bifuza.





# Amasomo y'Ubumenyi ngiro atuma Abagororwa batihugiraho – RCS



**Abagororwa bashima ko bigishwa imyuga ngiro iyo bari mu igororero, ikazabagirira akamaro nyuma yo gusubira mu muryango**

KAYITARE Jean Paul

***Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, (RCS), rutangaza ko amasomo y'ubumenyi ngiro (TVET) atangirwa mu Igororero rya Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, afasha Abagororwa kutihugiraho no kwigunga.***

Zimwe mu nshingano RCS yahawe harimo; kugorora, ubutabera, umusaruro n'ubumenyi, ibyo bigatuma nyuma yo kugororwa ibyaha bigabanyuka, hakigishwa imyuga n'ubumenyi ngiro buzabafasha mu gihe bazaba basohotse mu Igororero kugira ngo batazasubira mu byatumye bisanga mu byaha.

CSP Sengabo Hillary Emmanuel, Umuvugizi wa RCS, yahamirije Imvaho Nshya ko kuba umugororwa yigishwa cyangwa agakora imyuga, bituma ataba mu bwigunge.

Avuga ko binabagirira inyungu kuko ngo n'iyo habonetse ibiraka cyangwa hari igikoresho cyakozwe kiragurishwa kandi umugororwa agahabwa 10% by'inyungu, mu gihe andi mafaranga asigaye ashyirwa mu byunganira ingengo y'imari igenerwa RCS.

Ati: "Umuntu uri mu Igororero ntabwo yihugiraho, kuva mu gitondo kugeza nimugoroba nk'undi wese uri ku kazi, abyuka akora akageza nimugoroba ananiwe, ajya gukaraba no kuryama.

Ni ukuvuga rero, icya mbere amufasha ni ukutigunga kuko ubwigunge bugira ingaruka mu mitekerereze. Indwara zo mu mutwe nyinshi zituruka mu bwigunge, bikamutera agahinda gakabije, ubu rero umuntu wirirwa hano mu ishuri, umuntu wirirwa akora ntabwo ashobora kugira ikintu cyo kwihugiraho no kwitekerezaho cyane."

Ubuyobozi bwa RCS bukomeza buvuga buti: "Aya masomo atangirwa mu Igororero afasha umugororwa kubyazwa umusaruro kuko iyo twagurishije bino bintu, babona 10% y'inyungu akomoka kuri ibingibi byagurishijwe."

CSP Sengabo agaragaza ko indi nyungu, ari iy'uko iyo umugororwa usubiye mu muryango we bimuteza imbere kuko ari igikorwa kizamufasha ejo hazaza.

SP Odette Kantarama, Umuyobozi w'Igororero rya Rubavu, agaragaza ko uruganda rukora ibikomoka ku mpu rufasha Igororero kwigisha.

Asobanura ko bitewe n'ubwinshi bw'abagororwa, harebwa abagiye kurangiza ibihano bagashyirwa mu ishuri rya TVET ryatangiye mu 2021.

Agira ati: "Ubwa mbere babanza kwigishwa ibijyanye no gukora ibijyanye n'impu, dukora inkweto z'abana, abakuru, abagore n'abagabo.

Buri cyiciro cyiga mu gitondo na nimugoroba kandi hakazamo n'ikintu cyo kugorora kuko ni yo nshingano y'ibanze ya TVET."

Asobanura ko abenshi mu bagororwa ari urubyiruko, mu gihe ngo batagize umwuga batahana, bagera hanze bagasubira muri bya byaha bari barimo ariko ngo iyo batashye bafite umwuga bazi, ntibongera gusubira mu byaha.

Akomeza agira ati: "Mu bantu bagenda bakagaruka mu Igororero, nta muntu n'umwe wigeze ataha yarize gukora inkweto ngo agaruke gufungwa kuko aba atashye afite umwuga azi."

Bamwe mu bagororwa bahamya ko iyo bagiye mu Igororero baba badapfuye ahubwo ko baba bagiye kugororwa kandi bakigishwa ibintu bitandukanye.

Ntirenganya David uzwi ku izina rya Gatiriyoke ukomoka mu Karere ka Nyabihu mu Murenge wa Kabatwa, ahamya ko yagororotse nyuma yo kuba yarahoze ari igisambo.

Ati: "Nahoze ndi igisambo ariko iby'amahirwe cyane cyane nkaba naragorowe, nkahabonera ubumenyi bwo kuza kwiga amasomo y'ubumenyi ngiro.

Byaranshimishije mu bagiriwe amahirwe kuko naje kwiga ahangaha nkiga TVET none ubungubu ikaba imaze kugira icyo imfasha mu buzima bwanjye."

Mu buhamya bwe, avuga ko agiye kuva mu Igororero hari icyo azimarira ndetse n'ubujura yakoraga atazabusubiramo.

Akomeza gira ati: "Hari itandukaniro ry'ahangaha no mu gihugu. Ntaraza ahangaha nari umujura, ntabwo numvaga ko hari akandi kazi nakora kampesha amafaranga ntagiye kwiba.

Ubungubu bimaze kumpa icyizere kuri njye no mu muryango, ko ndamutse mvuye ahangaha nkasohoka nkagera iwacu mu rugo, nabwira n'umuryango ukamfasha nkakora ibintu bikomoka ku mpu nanjye nkabasha kwikorera, nkiteza imbere n'umuryango wanjye.

Nta kintu na kimwe nari nzi uretse kwiba gusa. Maze gukora imyaka itatu y'igifungo, nsigaje ibiri nkarangiza igihano, nkataha nkasubira mu muryango wanjye."

Buri wese uri mu Igororero aba yemerewe kwiga umwuga yihitiyemo, irimo iy'ubwubatsi, ubudozi, ububaji, gutunganya imisatsi, ubugeni n'ubukorikori n'indi myuga itandukanye ibafasha kwiteza imbere kuri ubu n'igihe bazaba barangije ibihano byabo.

Umwe mu bari mu Igororero rya Rubavu, agira ati: "Bitewe n'uko nta mwuga nari nzi, nageze hano ku Igororero nsanga ibintu byo kwigisha birahari, nanjye ngira amahirwe yo kuboneka mu bantu bazaza kwiga nanjye ndaza ndabyiga, ariko nanjye by'umwihariko nifuzaga kuzagira umwuga niga."

Undi ugororerwa mu Igororero rya Rubavu, avuga ko avuka mu Karere ka Rubavu akaba amaze imyaka 8 agororerwa mu Igororero rya Rubavu.

Akigera muri iri Gororero, yahawe inyigisho zitandukanye harimo n'amahugurwa yo kugira imyitwarire myiza, imico myiza itandukanye n'iyo yinjiranye mu Igororero.

Uwitwa Regis na we uri mu Igororero rya Rubavu avuga ko atandukanye n'uwa mbere yuko yinjira mu Igororero kuko yahuraga n'umuturage akamwambura ariko ubu ngo yigishijwe imyuga na RCS.

Epimaque Gashirande, umwarimu mu Igororero rya Rubavu, yabwiye Imvaho Nshya ko abanyeshuri bigisha ari ababa baragonganye n'amategeko.

Ati: "Baza ari ba bantu batarafata umurongo bisa nk'aho ari ugucika, bakava mu gipangu bakaza mu buryo bwo kuruhuka ariko uko tugenda tubigisha imyumvire igenda ihinduka ndetse umwuga bakanawukunda cyane bakabibyazamo umusaruro."








# Abarenga 16 000 bafite ibibazo byo kwandikisha ibinyabiziga

ZIGAMA THEONESTE

***Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) cyatangaje ko abantu basaga ibihumbi 16 basabye gukorerwa ihererekanyabubasha ku binyabiziga, ariko abarenga ibihumbi 10 muri bo bagaragaza ko bafite ibibazo bitandukanye bikomeye bibabuza kubyandikisha mu buryo bwemewe n'amategeko.***



**Abanyamakuru basobanurirwa ibibazo biri mu guhererekanya ibinyabiziga**

Mu kiganiro RRA na Polisi y'Igihugu bagiranye n'abanyamakuru kuri uyu wa Kabiri tariki ya 27 Mutarama 2026, hagarutswe ku kibazo kimaze gufata indi ntera cy'abantu bagura cyangwa bagurisha ibinyabiziga ariko ntibakore ihererekanya ryabyo ku gihe.

Muri ibyo bibazo harimo abagura bakabura abo baguzeho ibinyabiziga, bamwe bakaba baritabye Imana, abandi barimukiye mu mahanga, n'izindi mpamvu zitandukanye.

Uwitonze Paulin, Komiseri Wungirije wa RRA ushinzwe Serivisi z'Abasora n'Itumanaho, yavuze ko mu basabye kwandikisha ibinyabiziga bagera ku bihumbi 16, abagera ku bihumbi 10 bafite ibibazo bikomeye bibabangamiye.

Yagize ati: "Hari abantu bagura imodoka bakumva ko kuba bafite 'Carte Jaune' itari mu mazina yabo nta kibazo bibateye. Hari n'abagura ku bantu bagahita babura, bamwe bakaba baritabye Imana abandi baragiye mu bihugu byo hanze, bigatuma uwaguze abura uwo yakorana na we ihererekanya."

RRA yatangaje ko yashyizeho igihe cy'ukwezi kumwe cyatangiye tariki ya 26 Mutarama kizarangira tariki ya 28 Gashyantare 2026, kigamije gufasha abafite ibyo bibazo kubikemura byihuse, hagamijwe kugabanya umubare w'abantu batwara ibinyabiziga bitanditse mu mazina yabo.

Polisi y'u Rwanda, yatangaje ko hafashwe ingamba zikomeye zo gufatira ibinyabiziga byose bigenda mu muhanda bidafite ibyangombwa byuzuye, ba nyirabyo bakabanza gukemura ibibazo bifitanye isano no kwandikisha mbere yo kubisubizwa.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda ACP Rutikanga Boniface, yasabye abantu bose bafite ibibazo byo kwandikisha ibinyabiziga kwegera inzego zibishinzwe kugira ngo bafashwe.

Yagize ati: "Umuntu wese akwiye kwigomwa igihe cye akaza tukamufasha. Ubu iminsi ntarengwa yo kwandikisha ni iminsi umunani gusa, bikaba byakorwa vuba cyane."

ACP Rutikanga yagaragaje ko ikibazo cy'ihererekanya ry'ububasha cyiganje cyane ku binyabiziga bya moto, aho usanga hari izimaze kugurishwa inshuro zirenga eshanu zitanditswe.

Ati: "Umwaka ushize twafashe moto nyinshi tugiye kuziteza cyamunara. Haje umusaza avuga ko hashize imyaka ine atazi aho umwana yaguriye moto aherereye, ibihano uwo mwana yakoze mu muhanda, byose bikaba byari byarirundanyije kuri we."

Yagiriye inama abaturage kwihutira kwandikisha ibinyabiziga baguze kugira ngo birinde ingaruka zirimo ibihano, gufatirwa no kwishyura amande menshi.

RRA yagaragaje ko 70% by'abasaba kwandikisha ibinyabiziga bari mu Mujyi wa Kigali, ari na yo mpamvu hashyizweho site enye zikora amasaha arenze asanzwe hakiyongeraho izindi 14 ziri mu bice bitandukanye by'Igihugu, abakozi bakora izo serivisi barongerwa inshuro 10 kandi bava ku minsi ibiri bakora bagera ku minsi itandatu mu cyumweru.

RRA kandi yatangaje ko yashyizeho uburyo bworoshye ku bantu babuze abo baguzeho ibinyabiziga, aho basabwa kugera ku bigo byayo bakabisobanura bagafashwa mu buryo bwihariye, kandi ko hatagisabwa kunyura mu nkiko nk'uko byahoze.

Kugeza ubu, kwandikisha moto bisaba amafaranga ibihumbi 30 by'amafaranga y'u Rwanda, mu gihe imodoka zisaba ibihumbi 60. Abagana izo serivisi basabwa kuba barabanje kwiyandikisha muri sisitemu ya RRA no gufata gahunda yo kwakirwa ku munsi bifuza gukorerwaho serivisi.

Mukakibibi Immaculée, umwe mu batunze moto itamwanditseho Imvaho Nshya yasanze kuri Site ya Nyamirambo, yavuze ko amaze imyaka isaga ine asaba uwo baguze ngo bahererakanye ububasha ariko akaba yaramubuze.

Yagize ati: "Nagiye kureba imyenda amaze gukoresha nsanga harimo ibihumbi 200 Frw by'imyenda y'imisoro."

Mukamanzi Patricie we yavuze ko amaze imyaka 3 agurishije moto ubu uwo bayiguze barayifatiriye ikaba igomba kwishyurirwa imisoro y'amafaranga y'u Rwanda 260 000, bikaba bikomeza kumugiraho ingaruka zirimo no gusiragira.

# Ba Ofisiye batanu ba RDF basoje amasomo y'imyaka ine muri Qatar

SHEMA Ivan

***Abasirikare batanu bo ku rwego rwa Ofisiye mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) basoje amasomo bari bamazemo imyaka ine muri Qatar, binyuze mu bufatanye bw'u Rwanda n'icyo gihugu cyo mu Burasirazuba bwo Hagati.***

Ibirori byo kwishimira iyo ntambwe ikomeye byabaye ku wa 22 Mutarama 2026, nk'uko na Ambasade y'u Rwanda muri Qatar yibitangaje kuri X.

Abo basirikare b'u Rwanda bize mu mashuri ya gisirikare atandukanye yo muri Qatar, aho bakuye ubumenyi bunyuranye mu bijyanye n'uyu mwuga wo kurinda ubusugire bw'Igihugu.

Ibirori byo gusoza ayo masomo byitabiriwe n'Umuyobozi w'Ikirenga wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, ari kumwe n'abayobozi bakuru batandukanye bo muri icyo gihugu.




**Abasirikare batanu ba RDF basoje amasomo y'imyaka ine baherewe muri Qatar**

Muri ibi birori, u Rwanda rwari ruhagariwe na Col. Bernard Niyomugabo ushinzwe ibikorwa bya gisirikare (Defence Attaché) muri Ambasade y'u Rwanda muri Qatar.

Abo basirikare biyongereye ku bandi icyenda basoje amasomo nk'ayo muri Mutarama 2025.

U Rwanda ni inshuti ya Qatar, aho ibihugu byombi bifitanye umubano mu ishoramari ndetse n'umutekano. Mu bihe bitandukanye, abasirikare b'u Rwanda bakomeje guhabwa amahugurwa mu mashuri ya gisirikare ya Qatar no gufatanya mu kurwanya ibyaha, n'izindi nzego z'umutekano.








# U Rwanda rwemeje kugumishaho ingamba z'ubwirinzi kugeza FDLR irundutse

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda ivuga ko ingamba z'ubwirinzi yashyizeho zo kwirinda ibitero by'umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakomeje gushyigikirwa na Repubulika ya Demokarasi ya Congo (DRC), zizagumaho kugeza uwo mutwe umanitse amaboko cyangwa usenywe burundu.***

Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Mukantabana Mathilde avuga ko FDLR igikomeje ingengabitekerezo ya Jenoside, yayokamye kuva mu 1994, ariko u Rwanda rutazacika intege mu kurwanya uwo mutwe kugeza ku ndunduro.

Mu ibaruwa Amb Mukantabana yandikiye Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga ya Amerika muri Afurika,



Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Mukantabana Mathilde

(US House Foreign Affairs Africa Subcommittee), Chris Smith yasobanuye ko FDLR yashinzwe n'abateguye bakanakora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi bakomeje gutera u Rwanda na nyuma ya Jenoside.

Yagize ati: "Hagati ya 1994 na 1999, Abacengezi bari barahungiye muri DRC bishe ibihumbi by'Abanyarwanda b'abasivili mu bitero byateguwe byibasiraga cyane cyane abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Iyo baruwa yo ku wa 22 Mutarama yayandikiye Smith wari uyoboye inama yiga ku masezerano y'amahoro n'ubukungu ya Washington DC muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, yasinywe n'u Rwanda na DRC agamije gushyira iherezo ku makimbirane n'umutekano muke bimaze imyaka isaga 30 mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Amb. Mukantabana yagaragaje ko muri iyo myaka abacengezi batsinzwe ariko FDLR iza kongera kwisuganya ivuye muri ayo matsinda y'imitwe y'abagizi ba nabi yatsinzwe, aho yakoreraga mu Burasirazuba bwa DRC.

Uwo mutwe w'iterabwoba wakomeje gukwirakwiza ingengabitekerezo irwanya ndetse inatoteza Abatutsi b'Abanyekongo harimo kubica no kubahohotera bya hato na hato.

Avuga ko kugeza n'ubu uwo mutwe wa FDLR ugikorera mu Burasirazuba bwa DRC aho ukorana n'ingabo za Leta ya Congo, kandi impuguke z'Umuryango w'Abibumbye zikomeje kugaragaza ibikorwa byayo.

Yakomeje agira ati: "FDLR ntiyigeze ireka ibikorwa byayo ahubwo yakomeje kubungabungwa ku mugaragaro na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo. Uburemere bw'iki kibazo n'ingaruka byagize ku mutekano w'u Rwanda ntibyavugwa ngo birangire."

Mukantabana yashimye ubuyobozi bwa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Donald Trump bwagize uruhare mu kunga impande zombi binyuze mu masezerano ya Washington yo ku wa 4 Ukuboza 2025, agamije gukemura ibibazo biherewe mu mizi byo mu Burasirazuba bwa DRC.

Gusa yavuze ko nyuma yo gusinywa kw'ayo masezerano, DRC n'abafatanyabikorwa bayo barimo FDLR, Wazalendo, ingabo z'u Burundi n'abacanshuro bakomeje ibikorwa byo guhungabanya umutekano.

Amb Mukantabana ashimangira ko u Rwanda rwiteguye kubahiriza inshingano zarwo zikubiye mu masezerano ya Washington yibutsa ko na DRC igomba kubahiriza izayo kugira ngo ayo masezerano agerweho.

# U Rwanda rwagiranye ibiganiro na Sosiyete y'ikoranabuhanga y'Abanyamerika

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula yagiranye ibiganiro n'abayobozi ba Sosiyete y'Ikoranabuhanga y'Abanyamerika, CISCO aho bari mu Nama Mpuzamahanga yiga ku Bukungu, iteraniye I Davos mu Busuwisi.***

Iyo nama yitabiriwe n'abayobozi batandukanye bo hirya no hino ku Isi, abahagarariye inzego z'ubucuruzi, abashakashatsi, imiryango itegamiye kuri Leta n'abandi bagamije kuganira ku bibazo byugarije Isi, by'umwihariko habyazwa umusaruro amahirwe aboneka ku mugabane wa Afurika binyuze mu bufatanye.

Minisitiri Ingabire Paula, yagiranye ibiganiro n'abayobozi b'iyo Sosiyete y'Ikoranabuhanga ya CISCO, barimo Visi Perezida akaba n'Umuyobozi ushinzwe guhanga ibishya ku rwego rw'Isi, Guy Diedrich na Adele Trombetta.

Ibiganiro byabo byibanze ku gusuzuma amahirwe y'ubufatanye mu by'umutekano w'ikoranabuhanga, ibikorwa remezo by'Ubwenge Muntu Buhangano (AI), kwimakaza ubwigenge mu by'ikoranabuhanga n'ibindi.

Muri iyo nama, u Rwanda rwahagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Olivier, Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika.

Ku bijyanye n'Ikoranabuhanga, Amb Nduhungirehe yibukije ko u Rwanda rukataje mu guteza imbere ikoranabuhanga rigezweho.

Yagize ati: "U Rwanda ruzagaragaza umuhati warwo mu kwagura ubufatanye n'amahanga mu ishoramari, guteza imbere ikoranabuhanga n'ubukungu bushingiye ku bumenyi no gutanga umusanzu mu gushakira Isi ibisubizo ku bibazo bihuriweho."

Yongeyeho ati: "U Rwanda icyo ruzanye mbere na mbere muri iyi nama ni ubunararibonye bw'ibyo twagezeho nk'Igihugu, kuko hari ibyo twagezeho bikomeye bijyanye n'ubukungu ndetse n'ibijyanye no guteza imbere ikoranabuhanga. Murabizi ko mu Rwanda dufite santere ishinzwe guteza imbere ikoranabuhanga rihambaye tugezemo (Centre for the Fourth Industrial Revolution (C4IR)."

CISCO ni sosiyete mpuzamahanga y'Abanyamerika y'ikoranabuhanga mu itumanaho rya elegitoroniki ifite icyicaro gikuru i San Jose, muri California.

Yashinzwe mu Kuboza 1984 na Sandy Lerner, hamwe n'umugabo we Leonard Bosack. Lerner wari umuyobozi w'ibikoresho bya mudasobwa ku mashuri y'ubucuruzi ya Stanford University. Bosack yari ashinzwe mudasobwa ishami rya siyanse ya kaminuza ya Stanford.

Mu ntangiriro za 1980, abanyeshuri n'abakozi ba Stanford, barimo na Bosack, bakoresheje ikoranabuhanga muri kaminuza kugira ngo bahuze mudasobwa zose z'ishuri ku buryo habaho guhererekanya amakuru.

CISCO ikora, ikanagurisha ibikoresho by'itumanaho, porogaramu, n'izindi serivisi n'ibicuruzwa by'ikoranabuhanga rihanitse.

Izina CISCO rikomoka ku mujyi wa San Francisco aho uwashinze sosiyete akomoka, ari naho yashingiwe.



Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula ari mu bitabiriye WEF i Davos

# Ngororero: Abasenateri bijeje gukorera aborozi ubuvugizi

NYIRANEZA Judith

***Itsinda ry'Abasenateri riyobowe na Hon. Nyirasafari Esperance ari kumwe na Hon. Uwizeyimana Evode bakomeje uruzinduko rw'akazi mu Karere ka Ngororero, mu rwego rwo kureba uko ibikorwa bijyanye n'ubworozi byifashe muri ako Karere, babizeza kubakorera ubuvugizi ku bibazo bihagaragara.***

Batangiriye uru uruzinduko mu nzuri za Gishwati ku ikusanyirizo ry'amata rya Bweru mu Murenge wa Muhanda, aho baganiriye n'aborozi ku bibazo bahura nabyo birimo ikibazo cyo kugeza umukamo ku ikaragiro rya Mukamira kubera umuhanda utari nyabagendwa.

Basanze iki kibazo kiri mu nzira zo kubonerwa igisubizo kuko umuhanda uva muri izi nzuri urimo gukorwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA).

Senateri Nyirasafari yagize ati: "Imihanda mibi yo mu nzuri za Gishwati iri mu mpamvu nyamukuru zituma amata atagera ku ikaragiro rya Mukamira ku gihe, bikabangamira aborozi n'urwego rw'ubworozi muri rusange. Tugiye gukora ubuvugizi iriya mihanda itunganywe amata ntazongera kwangirika."



Abasenateri basuye inzuri za Gishwati, bizeza aborozi kubakorera ubuvugizi

Aborozi bavuga ko baterwa igihombo kinini no kuba batageza umukamo wabo ku isoko. Banavuze n'ikibazo cyo kutagira ibiryo by'amatungo.

Aha Umuyobozi w'Akarere Nkusi Christophe yavuze ko habonetse rwiyemezamirimo uzatunganya ibiryo by'amatungo mu ruganda rwari rwaragenewe gutunganya imyumbati, rukaza kudakora kubera ikibazo cy'imashini zitujuje ubuziranenge.

Akarere ka Ngororero ni ko gafite ubuso bugari mu nzuri za Gishwati kurusha Uturere twa Nyabihu, Rutsiro na Rubavu.

Inzuri zifite Koperative y'Aborozi bo mu Murenge wa Muhanda (KAMU) ifite abanyamuryango 82.

Nyuma yo kuganira n'aborozi ku ikusanyirizo ry'amata rya Muhumyo mu Kagari ka Bugarura mu Murenge wa Muhanda, Abasenateri basuye umucuruzi w'ibiryo by'amatungo mu Murenge wa Ngororero abasobanurira imbogamizi afite zo kutabonera ibyo biryo ku gihe, ibiciro byabyo bihanitse bityo ntibihure n'ubushobozi bw'abaguzi.

Abasenateri kandi bagiranye ikiganiro n'abaturage bo mu Murenge wa Ngororero kibanze ku bworozi. Abaturage bavuze ku bibazo binyuranye bahura nabyo mu bworozi, Abasenateri babizeza ubuvugizi.

Mu kwizeza ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe, Senateri Uwizeyimana yagize ati: "Ibibazo by'ibiryo by'amatungo bidahagije kandi bihenze bikomeje kubangamira aborozi, bigatuma umukamo utiyongera uko bikwiye. Tuzabiganiraho n'inzego zibishinjwe mu kubishakira igisubizo mu gihe gikwiye."

Abasenateri banagiranye inama n'ibyiciro by'abantu batandukanye bafite aho bahuriye n'ubworozi barimo abavuzi b'amatungo, abarozi b'intangarugero (borora inkoko, ingurube, inka) n'abafashamyumvire mu bworozi.

Ubuyobozi bw'Akarere bwaberetse icyegeranyo cy'uko ubworozi buhagaze mu Karere bwaba ubw'amatungo maremare n'ubw'amatungo magufi.

Mu Karere ka Ngororero habarurwa inka zisaga 78 000, muri gahunda ya Girinka hamaze gutangwa inka 16 571.

Mu nzuri za Gishwati zigera kuri 367 hororewemo inka 12 457 zitanga umukamo wa litiro zigera ku 33 425; muri zo 4 000 ni zo zigera ku ikaragiro rya Mukamira, naho izigera kuri 29 425 ntizigerayo kubera imihanda mibi.

Amatungo agera ku 12 819 (inka, ingurube, inkonko) afite ubwishingizi.

Hanagaragajwe ingamba ziteganyijwe, mu gukemura ibyo bibazo harimo kuzamura umubare w'abaveterineri bigenga, kongera ubuso buhingwaho ubwatsi bw'amatungo, gukwirakwiza mu Mirenge ahagurirwa ibiryo by'amatungo, guhugura abaveterineri bigenga mu gutera intanga mu ngurube, kubaka uruganda rutunganya ibiryo by'amatungo mu Karere.

## Icyo u Rwanda rwiteze mu nama Mpuzamahanga yiga ku Bukungu

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yiteze inyungu mu Nama Mpuzamahanga yiga ku Bukungu, (WEF:World Economic Forum) iri kubera i Davos mu Busuwisi, binyuze mu biganiro n'abayobozi batandukanye ku Isi, bigamije kubyaza umusaruro ubufatanye n'amahirwe aboneka ku mugabane wa Afurika.***

Iyo nama yatangiye ku wa 19 Mutarama 2026, ihurije hamwe abarenga 3 000, barimo Abakuru b'Ibihugu 56, aho ku ruhande rw'u Rwanda yitabiriwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Olivier, Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Ingabire Paula n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe mu kiganiro na RBA, yavuze ko u Rwanda ruzungukira muri iyo nama aho ruzagirana ibiganiro n'abayobozi batandukanye mu rwego rwo kubyaza umusaruro amahirwe aboneka muri Afurika.




Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Olivier

Yagize ati: "U Rwanda ruzagirana ibiganiro n'abayobozi batandukanye bo ku Isi kugira ngo turebe uko twabyaza umusaruro ubufatanye n'amahirwe umugabane wacu wa Afurika ufite."

Amb. Nduhungirehe yagaragaje ko Umugabane wa Afurika utuwe ahanini n'urubyiruko, kandi hari amahirwe yo kuganirwaho kugira ngo Abanyafurika bisange mu mahirwe aboneka mu bufatanye n'ibindi bihugu.

Yagaragaje ko icyo u Rwanda ruzanye muri iyo nama ari ubunararibonye bw'ibyo rwanyuzemo,

KOMEZA KU RUP.17





## Icyo u Rwanda rwiteze mu nama Mpuzamahanga yiga ku Bukungu

IBIKURIKIRA URUP.16

kandi hari ibyo rwagezeho mu bukungu n'ikoranabuhanga ndetse rugikataje.

Yavuze ko insanganyamatsiko y'iyo nama; 'A Spirit of Dialogue' cyangwa 'Umwuka w'Ibiganiro' ije mu gihe Isi yugarijwe n'ibibazo by'ubushyamirane no kutumvikana hagati y'ibihugu.

Yagaragaje ko ari umwanya mwiza w'ibiganiro bigamije kurwanya ayo makimbirane ari ku Isi ndetse agakemuka binyuze mu biganiro.

Yagize ati: "Ni umwanya wo kuganira kugira ngo turebe ukuntu ibibazo byazajya birangizwa n'ibiganiro no kungurana ibitekerezo mu byo twagiye tuganiraho mu guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage."

Iyi nama ibaye ku nshuro ya 56 yitabiriwe n'abo mu bihugu 130, barimo Abayobozi b'Ibihugu, abahagarariye inzego z'ubucuruzi, imiryango itegamiye kuri Leta, abashakashatsi n'abanyabugeni bagamije kuganira ku bibazo bikomeye byugarije Isi.

# Abadepite bagaye abaganga ba RSSB bavuguruzanya n'abasanzwe

ZIGAMA Theoneste

***Abadepite bagize Komisiyo y'Imibereho Myiza mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda banenze bikomeye Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), kubera ko bamwe mu baganga barwo bashinzwe kugenzura ibyemezo by'abaganga basanzwe batinda gufata imyanzuro, bakanavuguruzanya na bo, bigatuma abarwayi bivuriza ku bwishingizi bw'urwo rwego basiragira.***




Abadepite bagaye ko bamwe mu baganga ba RSSB bashinzwe kugenzura ibyemezo by'abaganga basanzwe batinda gufata imyanzuro

Bagaragaje ko hari igihe abarwayi bakoresha ubwishingizi bwa RAMA na Mituweli basabwa kubanza gusaba uburenganzira kuri RSSB mbere yo guhabwa imiti cyangwa serivisi z'ubuvuzi, ariko abaganga ba RSSB bashinzwe gusuzuma ibyo byemezo no kubyemeza bakazarira, bigahombya abarwayi.

Ibi byagarutsweho ku wa Mbere tariki ya 20 Mutarama 2026, ubwo RSSB yitabaga Komisiyo y'Imibereho Myiza kugira ngo yisobanure ku makosa yagiye agaragayeho, ashingiye kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta kuva muri Nyakanga 2015 kugeza muri Werurwe 2025.

Hon. Mukabunani Christine yagize ati: "Ikoranabuhanga muvuga ntabwo rikoreshwa, ukajya kwa muganga aho wari uri ukajya kuri RSSB ukongera ukagaruka kwa muganga, iryo siragira ririmo kuzengereza Abanyarwanda."

Hon. Mukabunani yavuze ko uko gusiragiza abarwayi byiyongeraho no kuvuguruzanya hagati y'abaganga basanzwe n'abaganga ba RSSB.

Yagize ati: "Hari aho umuganga usanzwe akwandikira ko ufite ubumuga kuri 80%, wagera kuri RSSB bakavuga ko butarenga 30%. Harabura iki ngo muhuze?"

Yunzemo ati: "Urugero umuganga yakwandikira ibyuma byo mu menyo, uwa RSSB yareba agasanga ni imirimbo, kuki abaganga ba RSSB batizera abaganga basanzwe tujya kwivuzaho."

Yavuze ko ibyo bituma ibyemezo byanditswe n'umuganga usanzwe RSSB ihitamo kutabyishyura, bityo umurwayi akabura ubuvuzi, akibaza impamvu bidakorwa nyamara abaganga bose baba bavura indwara imwe.

Perezida wa Komisiyo y'Imibereho Myiza, Uwamariya Veneranda, na we yagaragaje ko RSSB igifite ikibazo cy'ubukerwe mu gusuzuma amadosiye atangwa n'abaganga basanzwe.

Yagize ati: "Muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, mu mikoranire ya RSSB na MINISANTE, bagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2018 kugeza mu 2022, dosiye 77 ari zo zatanzwe ngo zikorerwe isuzuma, 41 ni zo zasuzumwe. Urumva ko umurwayi umara imyaka ine atasubijwe ari ikibazo gikomeye."

Umuyobozi Mukuru wa RSSB, Rugemanshuro Regis yavuze ko hashyizwe imbaraga mu kugabanya ibyo bibazo, aho ubu abarwayi basabwa kujya guhura n'abaganga ba RSSB ari bake, kandi bikaba bikorwa gusa ku burwayi budasanzwe.

Yagize ati: "Byaragabanyutse, ariko ntibibuza ko hari abarwayi baza guhura n'abaganga ba RSSB, ibyo ni imikorere isanzwe izwi no ku rwego mpuzamahanga."

Yakomeje asobanura amahame RSSB igenderaho, cyane cyane ku bafite ubwishingizi, ko ari ugukora ibishoboka byose mu kurengera ubuzima bw'abanyamuryango mu gihe kirekire.

Ati: "Ukora isuzuma rikenewe, kuko hari abantu bambara ibyuma byo mu menyo bitewe n'uko ari ubuvuzi cyangwa imirimbo y'ubwiza. Ugomba gusuzuma ukareba uti se ninemera kwishyura ibijyanye n'ubwiza, ntabwo nzaba ngize ubushobozi bwo kurengera ubuzima nangiza."

Uwo muyobozi yavuze ko mu guhangana n'ikibazo cyo kuvuguruzanya hagati y'abaganga ba RSSB n'abandi, hari ibirimo gukorwa ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima, by'umwihariko binyuze mu mahugurwa ahuriweho ategurwa n'Inama y'Igihugu y'Abaganga.

Rugemanshuro yasabye Abanyarwanda kugirira icyizere RSSB, avuga ko ubwishingizi itanga buri ku rwego rwo hejuru ugereranyije nubwo mu bindi bihugu.

Ati: "Iyo urebye nk'ubwishingizi bwa RAMA, twishyura 85% by'ibigenerwa abanyamuryango, ahandi usanga bakwishyurira bakavuga bati 'nugeza kuri aya mafaranga wirwaneho."

Yakomeje agira ati: "Kuba wari ufite RAMA ugiye mu zabukuru ukayigumana, muzi ikiguzi bisaba kuvura ugeze muri icyo gihe."

Yongeyeho ko ubwishingizi bwa Mituweli na bwo bufasha cyane abanyamuryango, aho umurwayi abagwa umutima, umugongo, amaguru, impyiko cyangwa ugiye kubyara, nyamara atanga ibihumbi bitatu by'amafaranga y'u Rwanda gusa buri mwaka.

Kugeza ubu, RSSB ivuga ko yishyurira amavuriro ku gihe, aho ku bijyanye na Mituweli, iminsi yo kwishyura itarenga 23.

# Agahinda k’Umuryango waterejwe cyamunara na banki utarasabye inguzanyo

KAYITARE Jean Paul

***Ntibyoroshye gusobanura uko urukundo rwahawe uwafatwaga nk’umwana mu rugo rwa Sindikubwabo Yesaya utuye mu Murenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, rusize ubuhemu bwatumye inzu ye itezwa cyamunara na Equity Bank Rwanda Plc atarigeze afata inguzanyo, mu gihe uwo yishingiye acyidegembya mu mitungo ye.***



**Umutungo wa Sindikubwabo Yesaya waterejwe cyamunara nyuma yo gutiza ingwate, Munyaneza Gervais yatije ingwate umutungo we utatejwe cyamunara nawo waragwatirijwe**

Inkuru y’ubuhemu n’akarengane byakorewe Sindikubwabo itangirira ku cyizere yagiriye Munyaneza Gervais wari umuturanyi we bamaranye imyaka 28 bamufata nk’umwana mu rugo, bamutiza by’igihe gito ingwate yo kujyana muri imwe mu masosiyete acuruza ibikomoka kuri peteroli, birangira aterejwe cyamunara na Equity Bank Rwanda Plc.

Sindikubwabo avuga ko Munyaneza Gervais yabagejejeho umushinga nk’umuntu bari bamaranye imyaka 28 baziranye, amubwira ko afite umushinga wo gucuruza sitasiyo y’ibikomoka kuri peteroli, amusaba ko yamwongerera ingwate y’inzu akongera ku zo afite.

Hashize iminsi Munyaneza yagarutse gusaba ko yatizwa ingwate, abwira Sindikubwabo ati: “Nimumfashe nibonere akazi, tumenyereye gucuruza sitasiyo njye n’uwo dukorana. [...] dufata amavuta; peteroli na lisansi byo muri RUBIS.

Yarabanje arambwira ngo hari iyo babemereye kwa Lando, ageze aho ngo banze kuyivamo ariko ngo babahaye indi iri Norvège (agace kazwi mu Mujyi wa Kigali muri Nyarugenge), turanga aratwinginga kugeza ubwo atubwiye ngo nitumuhe amahirwe ntabwo azagitindana, tumutize icyangombwa agitangeho ingwate.”

Umuryango wa Sindikubwabo wari uzi ko utije icyangombwa Munyaneza hiyongeramo uwitwa Laurent Harindintwari ari na bwo bamenye ko hari kompanyi (Kingdom Word Company Ltd) bafite kandi buri wese ayifitemo umugabane wa 50%.

Laurent Harindintwari na Gervais Munyaneza bahagarariye Kingdom Word Company Ltd na bo batanze ingwate muri banki ndetse iyi kompanyi aba ari yo ihabwa inguzanyo na Equity Bank Rwanda Plc ishami rya Ngoma mu Ntara y’Iburasirazuba.

Abaturage batandukanye barimo n’ababyeyi ba Munyaneza babatije ingwate kugira ngo bashobore kubona amafaranga ahagije bari bakeneye. Mu babatije harimo n’uyu muryango wa Sindikubwabo Yesaya, Yossam Ruremesha, n’uwa Appolinaire Munyaneza ari na we mubyeyi wa Munyaneza Gervais.

Icyangombwa cya kompanyi cyatanzwe n’Urwego rw’Igihugu rw’Iterambere (RDB) kigaragaza ko umutungo w’iyo kompanyi ari miliyoni 150 Frw ari na cyo cyashingiweho umuryango wa Sindikubwabo utiza ingwate y’inzu.

Mu masezerano ariho umukono wa Noteri umuryango wa Sindikubwabo wagiranye na Munyaneza na Harindintwari bahagarariye kompanyi ‘Kingdom Word Company Ltd’, avuga ko haramutse hari ikibazo kibayeho hagati ya banyiri sosiyete na banki, bateremewe guteza cyamunara umutungo wa Sindikubwabo cyane ko yawubatije mu gihe cy’amezi atandatu.

Amakuru avuga ko Equity Bank Rwanda Plc yahaye amafaranga kompanyi nyuma ntiyakoreshwa neza bituma idashobora kwishyura banki.

Mu kiganiro Imvaho Nshya yagiranye na Sindikubwabo, yahishuye ko hari inyandiko umuryango we wasinyishijwe mu bihe bitandukanye n’umukozi wa Equity Bank Rwanda Plc ishami rya Ngoma, aho zabaga zanditse mu kinyarwanda ariko nyuma akaza kubona izanditse mu Cyongereza.

Yagiye i Ngoma kuri banki mu rwego rwo gushaka uko yagaruza icyangombwa cy’umutungo we ariko aza kubwirwa n’umukozi wa banki ko dosiye ye ikomeye.

Ati: “Uwo mukozi yaranyibwiriye musanze muri banki ati ‘Muze, iyo dosiye yawe irakomeye kuko iradukoraho [...] ati n’ubu ejo nzajya kwitaba kuri banki kwisobanura, ati buriya hari n’abandi twagiye duha amafaranga batarimo kwishyura, ati ariko imbarutso ni dosiye yawe, ati yewe nitureba nabi iranadufunga.”

Noteri wasinyishije ingwate yatanzwe n’umuryango wa Sindikubwabo, Me Nkinzingabo Nkunda Alex, yahamirije Imvaho Nshya ko Mvunabandi Patrick, umukozi wa Equity Bank Rwanda Plc ishami rya Ngoma, ari we wagiye gusura ingwate.

Me Nkinzingabo Nkunda Alex asobanura ko atamenya neza icyo uwateje icyamunara yaba yarashingiyeho ariko ngo hari uko itegeko ribigena.

Agira ati: “Itegeko rivuga yuko umutungo watanzweho ingwate, urebwa na cyamunara mu gihe iyo nguzanyo itishyuwe keretse niba yenda guteza umutungo umwe bihita byishyura rya deni ariko niba byishyura rya deni, bagombye guhera ku mutungo wa nyirugufata inguzanyo.”

Me Kami Noë, ushinzwe gucunga ingwate, avuga ko atazi icyo banki iheraho ihitamo kugurisha cyane ko ngo iyo cyamunara itangira yatangiranye n’izindi akavuga ko Equity Bank Rwanda Plc ari yo yasobanura neza icyo yahereyeho ngo ntihere ku mutungo w’uwasabye inguzanyo.

Agira ati: “Kuko njye ni inshingano mba nahawe n’Umwanditsi Mukuru ntabwo mbaza ngo byagenze bite, ngo ese mwabanje iki, mukurikijeho iki? Ibyo ntabwo biba biri mu nshingano zanjye.”

Imvaho Nshya yavuganye na Antoine Iyamuremye, Umukozi wa Equity Bank Rwanda Plc ushinzwe iyamamazabikorwa, avuga ko inzira yakoreshejwe ijyanye n’amategeko ajyanye n’inguzanyo. Icyakora yemereye Imvaho Nshya ko ku itariki 26 Mutarama 2026 Equity Bank Rwanda Plc yari butange amakuru yisumbuyeho, ari uko imaze kumenya amakuru yose ku kibazo cy’umuryango wa Sindikubwabo waterejwe cyamunara.





# Nyamagabe: Abahombejwe miliyoni 48 Frw n’ibiza, barashima ubwishingizi bwabazahuye

BYUKUSENGE Annonciata

***Abahinzi n’aborozi bo mu Karere ka Nyamagabe bigeze guhomba miliyoni zisaga 48 z’amafaranga y’u Rwanda kubera umugezi wa Mwogo wuzuye ukarengera ibihingwa byabo mu mwaka wa 2018, ubu baravuga imyato gahunda ya Tekana Urishingiwe Muhinzi Mworozi ituma bahinga bakanorora nta mpungenge z’ibihombo.***



**Abahinzi bashyize ibihingwa mu bwishingizi, bishimira ko byabarinze ibihombo**

Bavuga ko iyi gahunda yabatuye umutwaro w’igihombo baterwaga n’ibiza bituruka ku mihindagurikire y’ibihe mbere y’umwaka wa 2019, ubwo Leta yatangizaga gahunda y’ubwishingizi bw’amatungo n’ibihingwa.

Munyemana Isaie, umuhinzi w’ibigori utuye mu Murenge wa Kamegeri, avuga ko we na bagenzi be bibumbiye muri Koperative Ingenzi- Kamegeri ikorera ubuhinzi bw’ibigori mu gishanga cya Mwogo.

Ati: “Mu mwaka wa 2018 twagize igihombo cyatewe n’ibiza byaturutse ku mvura nyinshi yaguye, umugezi wa Mwogo uruzura udutwarira ibigori byari bihinze ku buso buganga na hegitari 28 (28 ha). Twakoze igenagaciro dusanga twahombye ibifite agaciro kangana na miliyoni 48 z’amafaranga y’u Rwanda.”

Akomeza avuga ko iki gihombo cyabakomye mu nkokora kuko iyi gahunda ya Tekana yari itaratangira.

Mu mwaka wa 2019 ubwo hatangizwaga gahunda y’ubwishingizi bw’ibihingwa n’amatungo, abanyamuryango ba Koperative babyumvise vuba kuko bari bamaze kubona ingaruka zo kwibasirwa n’ibiza nta bwishingizi.

Ati: “Turashimira Leta yazanye gahunda yo kwishingira ibihingwa. Kuva mu 2019 kugera mu 2025 mu gihembwe cy’ihinga A, nta kibazo twigeze tugira. Bigeze mu gihembwe cya B 2025, ibigori byacu byari bihinze ku buso bungana na hegitari 28 byibasiwe n’uburwayi tutabashije kumenya kuko abashinzwe ubuhinzi bakoze ibishoboka ngo bikire, ariko biranga.”

Ku bufatanye n’abashinzwe ubuhinzi, abashinzwe ibigo by’ubwishingizi babana n’abahinzi umunsi ku wundi, basuye umurima w’abo bahinzi basanga uburwayi byagize nta burangare bw’umuhinzi bwabayemo, hemezwa ko bagomba gushumbushwa hakurikijwe ibiri mu masezerano y’ubwishingizi.

Ati: “Bakoze raporo bayohereza ku kigo cy’ubwishingizi, badushumbusha amafaranga y’u Rwanda angana na miliyoni 6 n’ibihumbi 82 (6 082 000 Frw).”

Umuyobozi wungirije w’Akarere ka Nyamagabe ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Habimana Thadée, avuga ko bishimira intambwe imaze guterwa nubwo hakiri urugendo.

Ati: “Ndashimira abahinzi n’aborozi bafashe iya mbere mu kwitabira gahunda yo gushinganisha amatungo n’ibihingwa. Abamaze kubona ibyiza byo gufata ubwishingizi ni bo badufasha mu bukangurambaga. Muri rusange, ibihingwa n’amatungo bimaze gushinganishwa muri gahunda ya Tekana bigera kuri 52%.”

Akarere ka Nyamagabe kari gafite umuhigo wo gushyira hegitari 300 z’ibigori mu bwishingizi, ariko hashinganishijwe hegitari 152.

Umuceri wari ufite umuhigo wa hegitari 10, ariko hegitari 20 ni zo zashyizwe mu bwishingizi. Hegitari 92 z’ibirayi ni zo zishingiwe kuri hegitari 195 zari zafashwe nk’umuhigo. Mu bindi bihingwa harimo ibishyimbo bimaze kwishingirwa ku buso bungana na hegitari 39.

Amatungo amaze gushinganishwa muri gahunda ya Tekana, inka 1700 ni zo zimaze gushinganishwa, ingurube 1170 n’inkoko ibihumbi 8.

Umuyobozi wa gahunda ya Tekana muri RAB-SPIU Museruka Joseph, avuga ko amakuru atari ay’ibihuha akiri imbogamizi mu kwihuta kw’iyi gahunda kuko hari bamwe babwirwa ko ibigo by’ubwishingizi bitishyura, ariko si byo kuko abashumbushijwe bafite ubuhamya.

Ati: “Abantu bamwe bavuga ko gahunda ya Tekana Urishingiwe Muhinzi Mworozi itishyura igihombo kuko babyitiranya no kugira ingorane umuhinzi cyangwa umworozi yabigizemo uruhare kandi biba biri mu masezerano. Kuva mu 2019, Tekana imaze gushumbusha abahinzi n’aborozi amafaranga arenga miliyari 8 z’amafaranga y’u Rwanda.”

Tekana ni gahunda ya Leta ikorera muri Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi, igashyirwa mu bikorwa n’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Iterambere ry’Ubuhinzi n’Ubworozi (RAB).

# Umusaruro w’ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha

HABIMANA Eric

***Gahunda y’ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha yashyizweho na Leta y’u Rwanda mu rwego rwo gufasha abakoze ibyaha bari mu magororero hirya no hino mu gihugu kubahuza n’abo bakoreye ibyaha kugira ngo baganire ndetse banabumvikanishe hagamijwe gutanga ubutabera bwunga.***

Ni gahunda ikorerwa ku bari mu magororero bakurikiranyweho ibyaha bitandukanye, ariko ikaba ireba abagororwa bose hatitawe ku byaha bakoze bigenerwa ibihano bitarenze imyaka itanu y’igifungo.



**Gahunda y’ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha yagize uruhare mu kugabanya ubucucike mu magororero**

Urukiko rw’Ikirenga mu Rwanda ruvuga ko iyi gahunda irimo gutanga umusaruro ushimishije hagati y’abakoze ibyaha n’ababikorewe hagamijwe kwihutisha ubutabera kuko uwakoze icyaha iyo yemeye icyaha ku bushake bituma imirimo y’inzego z’ubutabera igabanyuka.

Nanone kandi iyo bikozwe neza hatangwa ubutabera bwuzuye, bwihuse kandi bwumvikanyweho hagati y’uwakoze icyaha n’uwagikorewe.

Visi Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga Hitiyaremye Alphonse, yagize ati: “Unyuze muri iyi nzira abantu batekereza ko badahanwa. Oya si byo barahanwa, ahubwo bagahanwa mu buryo bwihuse binyuze mu buryo bwo kwemera icyaha. Habaho kugabanyirizwa igihano wari guhabwa, ndetse indi nyungu ni uko

KOMEZA KU RUP.20

# Umusaruro w'ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha

**IBIKURIKIRA URUP.19**

iyo uyinyuzemo bagasanga ibihano uhawe warabimaze mu igororero icyo gihe urataha. Ni uguhana mu buryo bwihuse kandi n'uwakorewe icyaha abifitemo inyungu kuko bituma abona ubutabera bwihuse niba ari n'ibyo yangirijwe bikishyurwa vuba."

Mushimiyintwari Edgar wo mu Kagari ka Gahogo, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, ni umwe mu bari kugororerwa mu Igororero rya Muhanga wavuze ko iyo gahunda yamufashije nyuma yo gukora icyaha cyo kwihesha ikintu cy'undi binyuze mu buriganya.

Yavuze ko mu gihe itegeko ryateganyaga ko yashoboraga gukatirwa igifungo kiri hagati y'imyaka itanu n'irindwi, kwemera icyaha no kumvikana n'uwo yahemukiye ko azamwishyura ibifite agaciro ka miliyoni 16 z'amafaranga y'u Rwanda agiye gutaha kuko igihano yari yahawe basanze akimaze muri gereza.

Ati: "Nari mfite icyaha gituma nshobora gufungwa hagati y'imyaka itanu n'irindwi, nkurikiranyweho uburiganya twakoreye kompanyi imwe y'i Kigali. Aha mpamaze igihe kingana n'umwaka kandi nari nkiri mu minsi 30 y'agateganyo, ariko kuko nagiriwe ubuntu nkahura n'uwo nakoreye icyaha twaraganiriye nemera icyaha na we ampa imbabazi ubu ngiye gutaha hanyuma njye mwishyura mu byiciro kuko ari cyo kiri mu masezerano."

Umuvugizi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS) CSP Sengabo Hillary, na we yemeza ko iyi gahunda yafashije uru rwego cyane mu kugabanya ubucucike mu magororero bitewe n'uko kuva mu kwezi kwa Mutarama 2026 abagororwa binjiye mu magororero ari bake cyane ku basohotsemo, bifitanye isano n'uko kumvikana binyuze mu buhuza,

Ati: "Nkubu kuva mu muri uku kwezi kwa Mutarama 2026 mu magororero yose twinjije abagororwa 337 hasohoka 644, iyo mibare rero ntabwo yigeze ibaho ubundi kuko wasangaga mbere abo twinjizaga babaga baruta abasohoka.

CSP Sengabo yakomeje ahamya ko kuri ubu ubucucike mu magororero bugeze mu 101% buvuye hejuru ya 130% mu myaka yashize.

Yakomeje agira ati: "Nk'ubu hano i Muhanga honyine dufite abagororwa barenga 700, ariko abangana na 162 ni bo bari muri iyi gahunda bashobora no kuba bavamo abasezererwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri. Ibyo rero twe biratworohereza mu kubacunga no kubagorora, na bo bikabafasha kuko bituma ibihano byabo byihutishwa."

Mu bagororwa basaga 70 000 babarurwa mu magororero yose mu Rwanda, abasaga 1 150 babashije kwitabira iyi gahunda yiswe Plead and Bargaining mu minsi ibiri gusa.

Ni igikorwa cyakomereje no mu Igororero rya Muhanga muri iki cyumweru mu rwego rwo kwereka abarigororerwamo akamaro k'iyo gahunda n'icyo bayungukiramo.

# Nyagatare: Kubaka ikiyaga gihangano kizatwara miliyari 211 Frw bigeze kuri 44,17%



**Ikiyaga kizubakwa mu Mirenge itatu y'Akarere ka Nyagatare uyu mwaka urasiga bigeze ku musozo**

**HITIMANA Servand**

***Imirimo yo kubaka ikiyaga gihangano kuri hegitari zisaga 796 mu Mirenge ya Rukomo, Gatunda na Karama y'Akarere ka Nyagatere bigeze ku kigero cya 44,17%, aho biteganyijwe ko kizuzura gitwaye akayabo ka miliyoni 124 z'Amayero, ni ukuvuga miliyari zisaga 211 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Icyo kiyaga cyiswe imberabyombi (Muvumba Multipurpose Dam) cyatangiye kubakwa mu mwaka wa 2022, aho cyitezweho kuzaba gitanga inyungu zinyuranye ku baturage binyuze mu kuhira imyaka kuri hegitari 10 000, urugomero rutanga kilowati 1 000 z'amashanyarazi ndetse no gutanga metero kibe 50 000 z'amazi meza buri munsi.

Ndekezi Francois Xavier, Umuyobozi mu Kigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB), akaba umwe mu bakurikirana umunsi ku munsi imirimo y'uyu mushinga, yabwiye Imvaho Nshya ko igitekerezo cyawo cyatangiye mu 2013 ariko kubera ubunini bwawo byafashe igihe yaba mu kuwushakira ingengo y'imari n'ibindi.

Ati: "Uyu mushinga watekerejwe hambere abahanga bakomeza kiwusesengura hanashakishwa ubushobozi. Ni umushinga mugari uzabyazwa umusaruro mu buryo butatu, ari bwo kuhira imyaka ku burebure bwa kilometero 200, hakazuhirwa ku buso bwa hegitari ibihumbi 10. Metero kibe ibihumbi 50 ku munsi bizajya bihabwa WASAC kugira ngo iyageze ku baturage hanyuma hazanabyazwe ingufu z'amashangarazi zingana na kilowati 1 000."

Akomeza avuga ko uyu mushinga wizwe neza kandi nta kabuza intego zawo zizagerwaho.

Ati: "Ni umushinga mwiza cyane. Ni umushinga uzafasha mu guhangana n'ibibazo by'izuba rikunze kwibasira ibi bice. Uburyo bwo kuhira buzahabwa imbaraga kuko amazi azaba yiyongereye. Ibi bizatuma umusaruro wiyongera twihaze ku biribwa ndetse n'ibyo tugeza ku masoko. Ikindi gikomeye ni ingano y'amazi navuze azagezwa ku baturage kugira ngo bayakoreshe mu buzima bwabo bwa buri munsi. Ibi bizatuma imibereho y'abagerwaho n'inyungu z'uyu mushinga izarushaho kuba myiza."

Ni umushinga kandi wishimirwa cyane n'ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare uri gukorerwamo aho witezweho kubakurira abaturage mu bukene ndetse ukazanatanga igisubizo ku bibazo by'amazi bari bafite.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague yagize ati: "Hari ibisubizo byinshi dutegereje kuri Muvumba Multipurpose Dam aho abahinzi bacu bazagerwaho n'umuyoboro uzifashishwa mu kuhira, bazajya bahinga ibihe byose batikanga izuba. Twari dusanzwe twuhira ahari ibishanga ariko uyu mushinga utugaragariza ko ubuso buzaguka ndetse ubuhinzi bugatera imbere. Kuhira mu buryo bwagutse bizatuma tunibanda ku bihingwa ngengabukungu, ni ukuvuga bya bihingwa bijyanwa ku masoko mpuzamahanga."

Akomeza ahamya ko ibikorwa byose bizahurira muri uyu mushinga bifitiye inyungu abaturage mu nzego zitandukanye.

Ati: "Urumva hazakurwamo amashanyarazi, aya turayakeneye abacanirwa bakiyongera. Hazavamo amazi agezwa ku baturage ibi na byo bivuze ko kubona amazi ahagije ku baturage bacu ari ukugira imibereho myiza. Muri rusange uyu mushinga uzagira aho udukura n'aho utugeza."

Igice kinini cy'amafaranga azakora kingana na miliyoni 121,5 z'amayero, yatanzwe na Banki Nyafurika itsura Amajyambere (AfDB) nk'inguzanyo, agera kuri miliyoni 2,7 z'Amayero atangwa na Guverinoma y'u Rwanda.

Biteganyijwe ko uyu mushinga uzarangira tariki ya 6 Ugushyingo muri uyu mwaka, aho ku ikubitiro hateganywa kuhirwa hegitari ibihumbi bitatu mu Mirenge ya Rukomo, Nyagatare, Tabagwe, Karama na Rwempasha.







# Abatuye Umujyi wa Musanze basabwe kubaka amagorofa

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Ubuyobozi bw'Intara y'Amajyaruguru burashishikariza abatuye Umujyi wa Musanze kubaka amagorofa, buvuga ko nta gihombo bazahura na cyo, ndetse ikaba ari nayo nzira yo kurushaho kuzamura iterambere ry'ubucuruzi no gukoresha neza ubutaka muri uyu Mujyi ukomeje gukura ku muvuduko wihuse.***



**Ibibanza byari bisigaye mu mujyi rwagati birimo kubakwamo amagorofa mu buryo bwihuse**

Abubatse amagorofa muri uyu mujyi ntibabuze abakiliya, kuko ibyumba by'ubucuruzi bijya kuzura bifite ababikoreramo.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Mugabowagahunde Maurice, avuga ko kubaka amagorofa bituma hazigamwa ubutaka kubera ko uko abantu biyongera ubutaka bugenda buba buke, ndetse bikaba byongerera abashoramari inyungu.

Yagize ati: "Kubaka amagorofa bituma dukoresha neza ubutaka, cyane cyane ku bibanza bito, kandi abazubaka bashobora kubona inyungu kubera ko ibyumba by'ubucuruzi cyangwa iby'aho gutura biboneka ku buryo bwihuse. Ndashishikariza abashoramari n'abaturage gukomeza gushora imari mu nyubako ndende kugira ngo bazamure iterambere n'ubwiza bw'Umujyi wa Musanze."

Jean Bosco Nshimiyimana, umwe mu bashoramari wubatse igorofa rigeretse gatandatu mu Mujyi wa Musanze, avuga ko kubaka igorofa byamuhaye inyungu.

Yagize ati: "Kubaka igorofa byatumye abakodesha baboneka byihuse, ubu inyubako yanjye irimo ubucuruzi bwuzuye."

Mukamwezi Aline Uwase, na we wubatse igorofa rikorerwamo imirimo itandukanye, ati: "Ibyumba by'ubucuruzi birimo gukodeshwa neza. Ubu ndabona ko gushora imari mu nyubako ndende bifite inyungu kandi bifasha mu iterambere ry'umujyi."

Thomas Tugengwenayo, Perezida w'Itsinda rishinzwe kuvugurura Umujyi wa Musanze, avuga ko urugendo rwo kuvugurura umujyi rumaze imyaka irindwi.

Yagize ati: "Buri wese yasabwe kubaka igorofa, kuko nta muntu wakubaka atageretse. Mu cyiciro cya mbere cyatangiye mu 2017, ibibanza 46 byatangiye kubakwa 31 muri byo byaruzuye kandi bikorerwamo ibikorwa bitandukanye. Kuri iki gihe, mu cyiciro cya kabiri tuzataha muri Gashyantare 2026 cyari kigizwe n'inzu 26, ubu 21 zaruzuye. Ikindi cyiciro cya gatatu kizatangira gutahwa mu mwaka wa 2029."

Ubuyobozi bw'Intara y'Amajyaruguru bushimangira ko kubaka amagorofa ari uburyo bwo kugabanya ubucucike bw'abantu, gukoresha neza ubutaka no gukomeza kwagura ubukungu n'ubwiza bw'Umujyi wa Musanze.

# Nyagatare: Abagabo si inganzwa basobanukiwe uruhare rwabo mu mikurire y'umwana

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bagabo bo mu Murenge wa Musheri mu Karere ka Nyagatare bavuga ko bamaze gusobanukirwa ko kugira uruhare mu gufatanya n'abagore mu kwita ku mikurire y'abana babo, babategurira indyo yuzuye, kwita ku burere bwabo babajyana mu irerero bitavuze ko ari inganzwa.***

Abo bagabo bavuga ko ubusanzwe mu muco nyarwanda wabarangagaga harimo ko umugabo ahahira urugo akarurinda naho kwita ku bana bikaba iby'abagore.

Mukundabantu Ananiya yagize ati: "Ubundi kumva ko uri umugabo byajyanaga no kwitandukanya n'imwe mu mirimo yo kwita ku mwana twitaga iy'abagore.

Umugore yaba adahari abana bakaba babwirirwa watinye kujya mu gikoni ngo hatagira ugusangamo."

Yakomeje asobanura ko nk'ubaye imfura yagendaga akagura nk'amandazi akabaha mu gihe ategereje ko nyina aza akabatekera. Byaterwaga n'imyumvire kuko nk'uwabikoraga yihishe bikamenyekana wasangaga yabaye igitaramo ngo umugore yaramurangije.

Iyo myumvire ariko ngo yarahindutse, kuko ubu basigaye bafatanya n'abagore kwita ku burere bw'umwana no ku mikurire ye.

Ati: "Ibi byarahindutse kuko twasanze ari ukwihima. Umwana ni uwacu twembi bityo ngomba gufatanya na nyina kumutegurira ifunguro ryuzuye. Nkamenya ibikenewemo ngakurikirana inyigisho ku buryo ritegurwa nkanamenya uko umwana yariboneye igihe.

Niba umugore hari ibyo ari gukora mfata umwana nkamugeza ku irerero nkamenya amasaha yo kujya kumucyura nkajyayo cyangwa nyina akajyayo."

Murenzi Abdul utuye mu Kagali ka Ntoma na we agira ati: "Ibintu byo kumva ko wahetse umwana wawe ukamugeza ku irerero bigafatwa nko kuba inganzwa twabivuyemo.

Umwana ni ishema ryanjye, ahubwo kuba mutwaye ku irerero mba numva nguwe neza cyane. Ubu mfatanya n'umugore kwita ku mikurire y'abana bacu kandi byanatumye duhuza tugira ituze mu muryango."

Mu bashimishijwe n'ubwitabire bw'abagabo mu kwita ku mikurire y'abana babo harimo abagore.

Mukaruriza Emmaculee agira ati: "Niba hari ikintu gishimishije ni ukubyuka ukumva umugabo akubaza uko umwana agera ku irerero, niba umutwara cyangwa niba amugutwarira.

Noneho iyo bigeze ku gutegura indyo yuzuye ukabona na we abishishikariye agategura ifunguro akagaburira abana wumva unejejwe n'ubwo bufatanye."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko ubu bufatanye bukwiye mu miryango yose kugira ngo intego zo kwita ku mikurire y'umwana no kurwanya igwingira zigerweho.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza, Juliet Murekatete yagize ati: "Uretse kuba umugabo witaye ku mikurire y'umwana aba yiyubahishije, binagabanya n'amakimbirane mu muryango kuko ibikorwa bibanza kuganirirwaho.

Ubufatanye muri iyi gahunda burakenewe kugira ngo tugire abana bakura neza bityo tugabanye imibare y'igwingira mu Gihugu cyacu."

Imibare igaragaza ko kugeza ubu Akarere ka Nyagatare kari kuri 27,8% ku bana bagwingira aho kavuye kuri 33%.

Muri gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), Guverinoma ivuga ko gahunda ari ukugabanya igwingira ry'abana bari munsi y'imyaka itanu rikava kuri 33% rikagera munsi ya 15%.



**Abagabo batewe ishema no gufatanya n'abagore kwita ku mikurire y'abana**





# Musanze: Urubyiruko rwigishijwe gukunda Igihugu

NGABOYABAHIZI Protais

***Mu Karere ka Musanze, habereye igitaramo cy'ubutwari cyateguwe mu rwego rwo kwitegura Umunsi w'Intwari, kigamije kwigisha urubyiruko n'abandi Banyarwanda amateka yaranze u Rwanda n'amateka y'Intwari z'u Rwanda, binyuze mu ndirimbo, imbyino n'ubutumwa butandukanye.***



**Urubyiruko rwishimiye igitaramo cy'ubutwari**

Iki gitaramo cyabaye umwanya wo kwibuka no kuzirikana ubutwari bw'abagore n'abagabo bitangiye u Rwanda, by'umwihariko intwari zagize uruhare rukomeye mu kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abacyitabiriye bagaragaje ko cyabasigiye isomo rikomeye ryo gukunda Igihugu, gusigasira indangagaciro z'Umunyarwanda no kwiyemeza kugikorera.

Urubyiruko rwinshi rwitabiriye iki gitaramo rwavuze ko rwungukiyemo byinshi, rushimira imiyoborere myiza y'u Rwanda yabahaye amahoro, umutekano n'icyerekezo cy'ejo hazaza, nk'uko Mahirwe Gilbert umwe mu rubyiruko rwari rwitabiriye abivuga,

Umwe muri bo yagize ati: "Twigiye byinshi ku mateka y'Igihugu cyacu n'ubutwari bw'intwari. Turashimira imiyoborere myiza yaduhaye igihugu gitekanye n'amahirwe yo kwiga no kwiteza imbere. Natwe twiyemeje gukunda Igihugu no kukigirira akamaro, nyuma yo kumva impanuro n'ibitekerezo twahawe n'ubuyobozi n'abahanzi."

Ikirezi Marie Pacific, yavuze ko icyo gitaramo cyamufashije gusobanukirwa ko ubutwari atari amateka yo gusoma gusa.

Ati: "Ubutwari ni indangagaciro zigomba kuturanga mu buzima bwa buri munsi. Twigiye hano ko natwe dufite inshingano zo kwirinda amacakubiri no kubaka u Rwanda rwunze ubumwe, kandi tukumva ko aho u Rwanda rugeze habaye kwitanga kwa bamwe mu Banyarwanda b'intwari."

Umuhanzi Mariya Yohani, mu butumwa bwe yagejeje ku rubyiruko, yashishikarije abakiri bato gukunda Igihugu no gusigasira amateka yacyo, yibutsa ko hari urubyiruko rwiyemeje kwitanga mu 1994 rugakura u Rwanda mu icuraburindi.

Yagize ati: "Ababohoye u Rwanda bari urubyiruko rufite urukundo rw'Igihugu n'icyerekezo. Biyemeje kukibohora no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. N'uyu munsi, urubyiruko rufite inshingano zo gukomeza kubaka no kurinda u Rwanda."

Lieutenant Colonel Claver Mazimpaka wo mu ngabo z'u Rwanda, muri Diviziyo ya 2 ikorera mu Ntara y'Amajyaruguru ifite icyicaro mu Karere ka Musanze, yashimiye abahanzi n'abitabiriye iki gitaramo cyateguwe hagamijwe kwitegura Umunsi w'Intwari.

Yashimangiye ko abakurambere b'intwari ari bo bahanze u Rwanda bakarwagura binyuze mu kurwitangira, agaragaza ko abahaye u Rwanda ubuzima bitanze batizigama.

Yagize ati: "Intwari zacu zubatse u Rwanda binyuze mu kurwitangira. Ubutwari bwabo bwashingiraga ku bumwe bw'Abanyarwanda, kandi ubwo bumwe ni bwo nkingi y'iterambere ry'Igihugu."

Yakomeje asaba urubyiruko kugira umuco n'imitekerereze y'ubutwari, harimo kubahiriza indangagaciro ziranga Umunyarwanda.

Yagaragaje ko icuraburindi ryagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ryatewe n'amacakubiri yashyizweho n'abakoloni ndetse bamwe mu bayobozi bakabiha umugisha babishyira mu bikorwa, mu gihe abagaruriye u Rwanda agaciro n'ubusugire bw'Igihugu bari urubyiruko.

Yagize ati: "Urubyiruko ni rwo mbaraga z'igihugu. Rukwiye gukunda u Rwanda no kurukorera, rwigira ku butwari bw'abatubanjirije."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yavuze ko byabaye ngombwa gutegura iki gitaramo hagamijwe kugeza ubutumwa ku rubyiruko n'abandi Banyarwanda binyuze mu ndirimbo n'imbyino, kuko ari uburyo bwumvikana kandi bugera ku mitima ya benshi.

Yagize ati: "Twifashishije indirimbo n'imbyino kuko ari ururimi urubyiruko rwumva vuba. Intego ni ukubigisha ko ubutwari atari amateka gusa, ahubwo ari isoko y'iterambere ry'Igihugu."

Yakomeje avuga ko iki gitaramo kigamije kuzirikana ubutwari bw'abagore n'abagabo bitangiye u Rwanda, ashimangira ko Akarere ka Musanze kazwiho amateka akomeye mu kubohora Igihugu, ari na yo mpamvu hateguwe uyu muhango.

Yagize ati: "Nshimiye by'umwihariko ingabo zahoze ari iza FPR-Inkotanyi ziyobowe na Nyakubahwa Paul Kagame, zagize uruhare rukomeye mu kubohora Igihugu, kikaba uyu munsi kigeze ku mahoro n'iterambere. Nshimira kandi abahanzi bafasha Abanyarwanda gusobanukirwa amateka n'ubutwari bw'intwari, nsaba urubyiruko kugera ikirenge mu cy'intwari.

Iki gitaramo cyasigiye urubyiruko isomo rikomeye ryo gukunda Igihugu, gusigasira amateka no kwiyemeza kuba intwari z'iki gihe, binyuze mu bumwe, indangagaciro n'ibikorwa bifitiye Igihugu akamaro.

Umunsi w'Intwari mu Rwanda wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 1 Gashyantare ukaba wizihizwa mu rwego rwo kwibuka no guha icyubahiro Intwari z'Igihugu ku bikorwa byazo by'indashyikirwa.

Intwari z'u Rwanda ziri mu byiciro 3 ari byo Imanzi, Imena n'Ingenzi.

Umunsi w'intwari ni umwanya wo kwibuka ubutwari bw'ababayeho n'abahatanye bagize uruhare mu kubohora u Rwanda, kwigisha urubyiruko indangagaciro z'ubutwari, ubumwe n'urukundo rw'Igihugu, gukangurira Abanyarwanda bose gukomeza kubaka Igihugu mu bumwe no mu mahoro.

# Indashyikirwa Iganze Gakondo bakoze indirimbo isingiza Intwari z'u Rwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Itsinda ry'abaririmbyi rizwi nka 'Indashyikirwa Iganze Gakondo' bakoze indirimbo isingiza Intwari z'Igihugu bateguza Alubumu yabo ya mbere igeze ku kigero cya 60 %.***



Itsinda Indashyikirwa bashimiye intwari bakora indirimbo izirata

Ni indirimbo bise 'Intaramana guhiga' bavuga ko bifuzaga kuyitura uwo ari we wese wakoze cyangwa ukora ibikorwa by'ubutwari ndetse no gukangurira abazayumva kubigiraho.

Mu kiganiro cy'ihariye Imvaho Nshya yagiranye na Inkuba Samu, Umuvugizi w'iryo tsinda yavuze ko igitekerezo cyo kuyikora cyashibutse ku kuba u Rwanda ruri mu kwezi ko kuzirikana ubutwari n'ibikorwa byabwo.

Yagize ati: "Turi mu kwezi kwahariwe ubutwari, ni indirimbo twahimbiye umuntu wese ukora ibikorwa by'ubutwari hari n'aho twagarutse kuri Perezida Kagame by'umwihariko."

Hari igitero twavuzemo Perezida Kagame abenshi iyo bamuvuga bamwita umugobokarugamba ariko twe twamwise 'Inyamibwa y'Inkotanyi' kuko iyo bavuze ngo ikintu ni inyamibwa biba bivuze ko kiza ku isonga.

Twagize tuti: "Rwema rw'ubukombe ntatinya urugamba, iyo yumvise impuruza asizana mu z'imbere nta gishyika ahindana inkubito nyambibwa y'inkotanyi ni rubabaza nkerero."

Akomeza avuga ko uretse kugaruka ku bigwi by'abantu bakora ibikorwa by'ubutwari bayikoze bagira ngo ubutumwa bw'uyivugwamo hagire ababwigiraho.

Ati: "Twifuza ko ubutumwa bwayo bwafasha Abanyarwanda kumva icyo intwari isabwa n'ibiyiranga ndetse no kuyigiraho, buriya iyo twumva inkuru z'intwari nka Rwigema n'abandi abariho n'abatakiriho, umuntu wese ufite ubwenge yumva yazigiraho."

Agaruka ku mishinga bafite mu mwaka wa 2026, Inkuba Samu avuga ko bateganya gushyira hanze Alubumu yabo ya mbere igeze ku kigero cya 60 % itegurwa, aho kugeza ubu bamaze gushyira hanze indirimbo eshatu mu ziyigize.

Itsinda rya 'Indashyikirwa Iganze Gakondo' bazwi cyane mu ndirimbo zirimo 'Gakondo Iganze', Intaramanaguhiga n'izindi zirimo izo bakunda gusubiramo z'abandi bahanzi bo hambere, zakunzwe n'abatari bake, ziri mu njyana gakondo.

# Imvano y'izina 'Nzazicundira' ry'igitaramo cy'Ishyaka ry'Intore

MUTETERAZINA Shifah

***Itorero Ishyaka ry'Intore ryagaragaje ko impamvu bise igitaramo cyabo 'Nzazicundira' ari uko kizaba gicyeza ubutwari bw'abagore n'abakobwa mu kubaka Igihugu bashingiye ku mateka y'u Rwanda.***

Iryo torero rigiye kumara imyaka 2, rikunze gukora ibitaramo bigamije gusobanura amwe mu mateka atandukanye yaranze Igihugu ariko agaragaza ubutwari bw'Abanyarwanda aho icyo baherukaga gukora ari icyo bise 'Indirirarugamba' cyashimangiraga uko abana bakiri bato batozwaga gukunda Igihugu bakabikurana ku buryo batatinyaga kugana itabaro.

Mu kiganiro cyihariye Imvaho Nshya yagiranye n'Umuyobozi w'Ishyaka ry'Intore, Cyogere Edmond yavuze ko batekereje izina 'Nzazicundira' bifuza kugararagaza ubutwari bwaranze abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda.

Yagize ati: "Icya mbere itariki y'igitaramo ibanziriza Umunsi w'Intwari mu izina harimo Nzazicundira kandi mu Kinyarwanda hacunda abagore n'abakobwa, bivuze ko tugiye kuvuga ubutwari bw'Abagore mu mateka y'u Rwanda."

Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah, aherutse gusangiza ubutumwa abamukurikira ku rubuga rwa X bugaruka kuri icyo gitaramo, avuga ko ari igitaramo kigaragaza uruhare rw'abagore ku rugamba.

Yanditse ati: "Nabajije Cyogere mu bahungu, nti Igitaramo gifite iyihe nsanganyamatsiko? ati: Igitaramo cy'Ishyaka ry'Intore cyitwa 'Nzazicundira." Mu mateka, abagore n'abakobwa bajyaga ku rugamba, bamwe bakavuga bati ni yo ntafata umuheto, Ingabo zacu nzazicundira."

Yunzemo ati: "Ni igitaramo kigiye kuvuga ku butwari bw'abagore kandi turi abagabo, ikigaragaza ko tuzirikana ubwo butwari tunashishikariza, Abanyarwanda muri rusange ko bamenya ko n'abagore b'i Rwanda bari intwari atari iby'ubu ko ahubwo na kera bahozeho kandi bahoranye izo ndangagaciro."




Ishyaka ry'Intore biteguye gusingiza ubutwari bw'abagore mu gitaramo 'Nzazicundira'

Akomeza avuga ko igishimangira ko mu Rwanda rwo hambere abagore bahabwaga agaciro harimo ko umwami yasabwaga kuba afite umugabekazi, akaba ari we mujyanama mukuru wa mbere bityo hakwiye gushyirwamo imbaraga uwo murunga ugakomezwa.

Biteganyijwe ko igitaramo cy'Ishyaka ry'Intore kizaba tariki 31 Mutarama 2026, mu nyubako ya Intare Conference Arena.





## Byinshi wamenya kuri

# "RAYON TWIFUZA Fan Club"




Ikipe ya Rayon Sports yigaruriye imitima yabenshi mu myaka myinshi ishize, aho abatagira ingano bemera kuyishyigikira ubuzira herezo, haba mu bihe byiza no mu bihe bigoye.

RAYON TWIFUZA ni ihuriro ry'abafana (Fan Club) ryakomotse ku cyari WhatsApp Group ya bamwe mu bakunzi ba Rayon Sports, aho baganiriraga bisanzwe iby'ikipe ya Rayon Sports.

Nyuma yo kumara igihe baganira, muri saison ya 2021 - 2022 igihe cya COVID-19 basanze bagomba kugerageza kugira icyo bakora basi bakajya bagurira amazi cyangwa imbuto ikipe rimwe na rimwe, iki gihembwe bababashije gutanga inkunga ya 506.700 by'amafaranga y'u Rwanda.

Icyo gihembwe (saison) kirangiye, mu muhuro wabereye i Huye tariki ya 03 Nyakanga 2022, abafana bibumbiye muri RAYON TWIFUZA biyemeje gutera intambwe bakarushaho kwegera ikipe bayigenera umusanzu, maze bakaba ihuriro ry'abafana rizwi kandi ryemewe.

Kuva ubwo batangiye gutanga umusanzu w'amafaranga y'u Rwanda 100.000 ku kwezi, nkuko itegeko rigenga Fan Club ryabisabaga, maze ku itariki ya 18 Ukuboza 2022 RAYON TWIFUZA ikora ibirori biyitangiza (Launch) nka Fan Club yari imaze kuzuza ibisabwa no kwemerwa n'ubuyobozi.

Iyo saison ya 2022 - 2023 isoje, RAYON TWIFUZA n'izindi 16 zahawe certificat y'indashyikirwa kuko zari zabashije gutanga umusanzu saison yose, nta kuraranya na rimwe, isoza ibashije guha Rayon Sports umusanzu ungana na 1.280.500 Frw

Muri saison ya 2023 - 2024 nka Fan Club yari imaze gushinga imizi (stabilité), RAYON TWIFUZA yiyemeje gukomeza kuba hafi y'ikipe ya Rayon Sports, nabwo umusanzu yawutanze neza nta kuraranya maze iyi saison irangira ibashije guha Rayon Sports umusanzu ungana na 1.350.000 Frw.

Saison ya 2024 - 2025, nka Fan Club yari itangiye gukura, yafashe umwanzuro wo kuzamura umusanzu maze mu mugenda (phase aller) bawugeza ku mafaranga y'u Rwanda 200.000, ku yindi nshuro yongera kuzamura uwo musanzu ugera ku 300.000 Frw.

Iki cyiciro cyarangiye RAYON TWIFUZA itanze umusanzu ungana na 4.529.500 Frw.

Muri uyu mwaka wa 2025-2026, mu rwego rwo gukomeza gufasha ikipe, na bwo RAYON TWIFUZA yiyemeje kuzamura umusanzu ukagera ku mafaranga 400.000 ku kwezi akaba ari icyiciro cya gatatu mu musanzu uhabwa Rayon Sports kuko icya mbere ari igitanga amafaranga 600.000 ku kwezi, ikurikirwa n'izindi ebyiri zitanga amafaranga 500.000.

Mu gutangira Fan Club, RAYON TWIFUZA yihaye intego (slogan) igira iti: "TUZAYIBERA URUMURI NO MU MWIJIMA", bityo iyi akaba ari Fan Club yiyemeje kuzagerageza kurwana no, gutanga neza kandi ku gihe UMUSANZU nta kuraranya, gukomeza kuzamura umusanzu mu rwego rwo gufasha ikipe.

Mu rwego rwo gufashanya (sociale), RAYON TWIFUZA ikora ibikorwa mu buryo 2, burimo ibikorwa bihuza abanyamuryango ubwabo (Sociale Interne), ikora ibikorwa byo gufashanya, gusurana no gutabarana n'ibihuza abafana n'umuryango mugari (Sociale Interne)

Mu batari muri Fan Club, RAYON TWIFUZA igera cyane cyane ku bakozi ba Rayon Sports ikabasura ndetse ikagira icyo ibagenera mu rwego rwo kubafasha no kubatera imbaraga.

Mu bakorewe ibi bikorwa harimo Uwari Vice Capitain Ndizeye Samuel wasuwe muri 2022 mu Kwezi kwa Gashyantare, ubwo yari yarabazwe. Uwakurikiye ni uwari Captaine MUHIRE Kevin wasuwe muri 2024 muri Mata.

Nyuma ye hasuwe Fall Ngagne wasuwe umwaka ushize wa 2025 muri Werurwe ubwo yari yarabazwe uheruka ni Nyakwigendera Muganga Mugemana Charles wasuwe mu Bitaro Bikuru bya Kaminuza byo kwigishirizaho bya Kigali (CHUK) tariki ya 16 Ugushyingo 2025.

Mu miyoborere, RAYON TWIFUZA yashinzwe na MUSONERA Jean Claude na Innocente Emmanuel; ubu ikaba iyoborwa na:

**President:** Daniel MUGENZI

**V/P1:** Evariste BARAHIRA

**V/P2**: Paul MUZUNGU

**SG:** Jean Claude MUSONERA aka Modric

**Diaspora:** Emmanuel Nshagayintwali

**Gender:** Florance MUKAMURENZI

**Abajyanama (advisers):**

1. Philippe Cyimana
2. Claver NTAKIRUTIMANA

Mu rwego rwo gukomeza kwagura ibikorwa (kuzamura umusanzu) no gukomeza ibikorwa bya sociale, RAYON TWIFUZA irashishikariza Abarayons bose (cyane cyane abatari muri Fan Club), abayihozemo kuyigana kugira ngo bafatanyirize hamwe gushakira Rayon Sports ubushobozi buhagije kuko ari cyo cya mbere Rayon Sports ikeneye.

## Contacts:

President Daniel MUGENZI
0788699997

SG Jean Claude MUSONERA Modric
0788476591



Imvaho Nshya
# Siporo



NO 1567 TARIKI 29 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Handball: U Rwanda rwatsinze Zambia mu mukino wa Kabiri wa 'President's Cup'



**U Rwanda rwitwaye neza rutsinda Zambia ibitego 34-26**

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda ya Handball yatsinze iya Zambia ibitego 34-26 mu mukino wa kabiri wo mu Itsinda rya mbere rya "President's Cup", igikombe gikinirwa n'amakipe ahataniye kuva ku mwanya wa cyenda kugeza ku wa 16 mu Gikombe cya Afurika.***

Ni umukino wabereye Muri BK Arena ku gicamunsi cyo ku wa Kabiri, tariki ya 27 Mutarama 2026.

Wari umukino wa kabiri u Rwanda rukinnye muri wo mu Itsinda rya mbere rya "President's Cup", nyuma yo gutsinda Uganda ibitego 37-27 mu mukino wa mbere.

U Rwanda rwagiye gukina umukino wa kabiri na Zambia rusabwa gutsinda rukongera amahirwe yo guhatanira umwanya wa 9 kugera ku wa 12.

Yari inshuro ya kabiri ibihugu byombi bihuye muri iri rushanwa, riri gukinwa ku nshuro ya 27 kuko bari kumwe mu Itsinda rya mbere icyo gihe rwatsinze ibitego 30-19.

Mu mukino wa kabiri mu itsinda rurimo, u Rwanda rwitwaye neza rutsinda Zambia ibitego 34-26 aho igice cya mbere cyari cyarangiye amakipe yombi anganya ibitego 17-17.

Umunyezamu wa Zambia Musa Kambundu ni we wabaye umukinnyi w'umukino.

Undi mukino wabaye muri iri itsinda, Gabon yatsinze Uganda ibitego 40-19.

Ikipe y'Igihugu izasubira mu kibuga ku wa Kane, tariki ya 29 Mutarama 2026, ihura na Gabon mu mukino usoza iyo muri iri tsinda.

Ikipe ebyiri za mbere mu matsinda zizahatanira hagati y'umwanya wa 9 n'uwa 12, iya mbere ihura n'iya kabiri mu gihe ebyiri za nyuma zihatanira kuva ku mwanya wa 13 kugeza ku ya 16, iya gatatu ihura n'iya kane.

# Volleyball: Amakipe umunani agiye guhatanira Igikombe cy'Intwari 2026

**SHEMA Ivan**

***Guhera ku wa Gatandatu tariki ya 31 Mutarama 2026, mu mukino wa Volleyball hazatangira irushanwa ry'Igikombe cy'Intwari, aho rizakinwa n'amakipe ane ya mbere muri Shampiyona mu bagabo n'abagore.***

Iyi mikino y'igikombe cy'intwari mu mukino wa Vollleyball yateguwe n'ishyirahamwe ry'uyu mukino mu Rwanda ku bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO).

Mu makipe umunani azakina iri rushanwa mu bagabo ni APR VC, Gisagara VC Police VC na Kepler VC mu gihe rizakinwa na APR WVC, Rwanda Revenue Authority, Kepler WVC na Police WVC.

Imikino ya ½ izakinwa ku wa Gatandatu mu bagore aho APR WVC izakina na Rwanda Revenue Authority saa saba, Kepler WVC izakina na Police WVC saa cyenda.

Mu bagabo, Gisagara VC izakina na Police VC saa kumi n'imwe mu gihe guhera saa moya APR VC izakina na Kepler VC. Imikino yose izabera kuri Petit Stade i Remera.

Amakipe azitwara neza mu byiciro byombi azahurira ku mukino wa nyuma uteganyijwe ku Cyumweru, tariki ya 1 Gashyantare 2026.

Mu mwaka ushize, mu bagabo iri rushanwa ryegukanywe na Kepler VC itsinze REG VC mu gihe mu bagore ryatwawe na Police WVC itsinze APR WVC.

Umunsi w'Intwari z'Igihugu uzizihizwa ku nshuro ya 32 ku Cyumweru tariki ya 1 Gashyantare 2026, ufite insanganyamatsiko igira iti "Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere.



**Mu mukino wa Volleyball hazatangira irushanwa ry'Igikombe cy'Intwari**

# Niyo David wa Kiyovu Sports yagiye gukora igeragezwa muri Turukiya

**SHEMA Ivan**

***Rutahizamu wa Kiyovu Sports, Niyo David, yerekeje muri Turikiya aho yagiye gukora igereragezwa rishobora kuba amahirwe yo kuba umukinnyi mu nshya wa Veres Rivne ikina muri Shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Ukraine.***

Niyo David w'imyaka 18 wa Kiyovu Sports umwe mu bakinnyi beza muri Shampiyona y'u Rwanda, kuko yasoje imikino ibanza ya Shampiyona atsinze ibitego bitatu atanga imipira ine yavuyemo ibindi bitego.

Uku kwitara neza byatumye abengukwa n'amakipe akomeye harimo n'ayo mu mahanga by'umwihariko i Burayi.

Uyu mukinnyi ukina hagati afasha ba rutahizamu, yageze muri Kiyovu Sports muri Mutarama 2025, ubwo iyi kipe yatiraga abakinnyi batanu mu ikipe y'Intare FC.

Icyo gihe we na bagenzi be bafashije Kiyovu Sports kuva ku mwanya wa nyuma yari iriho, batuma itamanuka ndetse ubu iri mu makipe yo mu Rwanda yitwaye neza mu mikino ibanza ya Shampiyona 2025/26 aho yasoreje ku mwanya wa Gatanu n'amanota 27.

NK Veres Rivne agiye gukoramo igeragezwa iri ku mwanya wa 11 n'amanota 18 muri Shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Ukraine ikinwa n'amakipe 16.